




IMFASHAMYUMVIRE YEREKEYE

Imanza Zitangirwamo Ibyemezo byo Kurinda Abantu Ihohoterwa n'Itotezwa

Yashyizwe hanze na

Ishami ry'Ubucamanza rya Maine,
Ibiro by'Ubuyobozi bw'Inkiko

AMAFISHI Y'URUKIKO

Kopi z'amafisho yo mu buryo bw'ikoranabuhanga zikurikira zishobora kuboneka ku rubuga rw'ishami ry'Ubucamanza www.urubuga.maine.gov/imikorere/index.html. Amafishi yo mu buryo bw'impapuro ashobora kuboneka ku biro by'umwanditsi w'urukiko rw'ifasi nta kiguzi.

Gutanga ikirego kijyanye no kurindwa ihohoterwa cyangwa itotezwa, wakuzuza:

☐ PA-001 Ikirego cyo kurindwa ihohoterwa **CYANGWA**

☐ PA-006 Ikirego cyo kurindwa itotezwa.

Amafishi yakoreshejwe mu gutanga ibirego byombi byo kurindwa ihohoterwa n'itotezwa:

☐ PA-005 Amakuru ya Serivise Yerekeye icyemezo cyo Kurinda (ifasha abashinzwe ishyirwamubikorwa ry'amategako kumenya aderesi y'uregwa kugira ngo amenyeshwe ikirego) (ni ngombwa).

☐ PA-015 icyemezo cya aderesi igirwa ibanga / Numero ya terefone (ikoreshejwe mu gihe hasabwa aderesi y'uregwa/numero ya terefone igirwa ibanga) (si ngombwa).

ANDI MAFISHI

☐ FM-050 icyemezo cy'Ubufasha bw'Umwana (mu rwego rwo kurindwa ihohoterwa, niba ababuranyi bafitanye abana bato kandi nta cyemezo cyo gufasha abana gihari).

☐ PA-012 icyifuzo cy'uregwa mbere yo guca urubanza cyo kutakira ikirego

☐ PA-013 icyifuzo cyo kongera igihe icyemezo cyo kurinda kimara

☐ PA-022 icyifuzo cya nyuma y'urubanza icyifuzo cyo guhindura / icyifuzo cyo guhagarika icyemezo cyo kurinda

☐ PA-010 icyifuzo cy'Uregwa cyo gusesa icyemezo cy'igihe gito cyo kurinda cyangwa guhindura (n'icyemezo kirimo)

IBIBAZO BIJYANYE N'IBIREGO BYO KURINDA

Ibi bibazo bigamije kugufasha gutangira. Soma imfashamyumvire yose kigira ngo ubone andi makuru.

Kurindwa IHOHOTERWA	Kurindwa ITOTENZA
Hatitawe ku myaka yawe, ushobora gutanga Ikirego cyo Kurindwa Ihohoterwa urega umuryango wawe cyangwa abo mu rugo cyangwa uwo mukundana cyangwa mwakundana waguhoherweye. Hatitawe ku myaka yawe, ushobora gutanga Ikirego cyo Kurindwa Ihohoterwa urega <u>uwo ari we wese</u> wagukoreye ibikurikira: - Kugukurikira - Kugukorera ihohoterwa rishingiye ku gitsina; - Gukoresha cyangwa gukangisha gukoresha amashusho yihariye yawe akurwanya; cyangwa - waguhatirije cyangwa wakuyoboye mu bucuruzi bushingiye ku mibonano mpuzabitsina. Niba ufite imyaka 60 cyangwa irenga, cyangwa uri umuntu ukuze cyangwa udafite ubushobozi, ushobora gutanga Ikirego cyo kurindwa ihohoterwa urega <u>uwo ari we wese wo muri umuryango waguhoherweye</u> <u>cyangwa utanga serivise z'ubuvuzi zitishyurwa</u> waguhoherweye. (Soma igice A.1 kuko "ihohoterwa" muri ibi bihe bifite ibisobanuro byagutse). Mu gihe uri muto, umubyeyi wawe cyangwa undi muntu ugushinzwe mushobora kwitangira ikirego cyo kurindwa ihohoterwa <u>murega uwo ari we wese</u> wabakoresheje - imibonano mpuzabitsina agamije kubakoresha mu nyungu ze; - wasangije cyangwa wagambiriye gusangiza amashusho yawe yerekana igitsina mu gihe wari ugufite muni y'inyaka 16 y'amavuko; cyangwa - wagutoteje akoresheje tefone cyangwa ibikoresheje by'ikoranabuhanga.	Hatitawe ku myaka yawe ushobora gutanga Ikirego cyo kurindwa itotenza urega uwo ari we wese wisanze wabaye inzira karengane y'ibikorwa bye bikurikira: - Itotenza (bisobanura ibikorwa bitatu cyangwa byinshi by'iterabwoba, guterana amagambo, imbaraga z'umubiri zikoresheje cyangwa zigamijwe gukoresheje n'uregwa, hagamijwe guteza ubwoba, iterabwoba, cyangwa kwangiza ibintu bwite, kandi mu by'ukuri bitera ubwoba, cyangwa kwangiza umutungo bwite); - Igikorwa kimwe cyangwa imyitwarire igize icyaha gikomeye nka: - gukubita, - ibikangisho, - ihohoterwa rishingiye ku gitsina; - iterabwoba, - gushimuta, - gukomeretsa bikabije, - gutwikira undi, - kurenga ku buzima bwite; cyangwa - Ihohoterwa cyangwa kwivanga mu burenganzira bwawe buteganywa n'itegeko nshinga cyangwa ry'imbenezamubano. (Menya ko niba uri umwana muto, umubyeyi wawe cyangwa undi muntu ugushinzwe mugomba gutanga Ikirego cyo kurindwa itotenza mu izina ryawe).

Haba hari amafaranga cyangwa ibiguzi cyo gutanga ikirego?

Nta **mafaranga** acibwa yo gutanga *Ikirego cyo kurindwa ihohoterwa (PA-001)*.

Hashobora kubaho amafaranga yo gutanga *Ikirego cyo kurindwa itotezwa (PA-006)*.

Reba Igice cya B.6 kugira ubone andi makuru. Ibiro by'umwanditsi w'urukiko bizakumenyesha amafaranga yishyurwa. Ushobora gusaba urukiko gusonerwa amafaranga yishyurwa mu gihe udashoboye kwishyura.

Ni iyihe fishi ngombwa kuzuza cyangwa amakuru ngomba gutanga mu kirego?

Reba urutonde rw'amafishi asabwa n'atari ngombwa imbere mu gifuniko cy'imbere cy' iyi imfashamyumvire.

Ese nshobora kubona icyemezo cyo kurindwa ako kanya (hatabanje kumenyesha uregwa mbere)?

Ahari, mu gihe umucamanza aboneka kugira ngo asubiremo *ikirego* cyawe kandi mu gihe umucamanza yemeje ibimenyetso watanze ashigikira icyemezo cyo kurindwa by'agateganyo. Umwanditsi w'urukiko azakumenyesha igihe umucamanza azabonekera kugira ngo asuzume icyifuzo cyawe gisaba icyemezo cy'igihe gito.

Niba umucamanza agennye ko *ikirego* cyawe kitujye ibisabwa kugira ngo gitangirwe icyemezo cyo kurindwa by'agateganyo, ushobora gufata icyemezo cyo gukomeza ikirego cyangwa gukuraho ikirego (hamwe no guhitamo kuzatanga ikirego ikindi gihe). Niba wakiriye icyemezo cy'agateganyo cyangwa, niba utabonye icyemezo cy'agateganyo ariko ugakomeza gufata icyemezo cyo gukomeza ikirego, ibiro by'umwanditsi bizakumenyesha hamwe n'uregwa itariki y'iburanisha.

Ni ryari nje n'uregwa tuzagaruka mu rukiko ku mpamvu z'iburanisha rya nyuma?

Urukiko ruzagena igihe cy'iburanisha rijyanye n'ikirego cyo kurindwa ihohoterwa bitarenze iminsi 21 nyuma yo gutanga *ikirego cy'ihohoterwa*.

Urukiko ruzagena igihe cy'iburanisha rijyanye n'ikirego cyo kurindwa itotezwa vuba hashoboka, ariko ntirusabwa buri gihe kubikora mu minsi 21 nyuma yo gutanga *ikirego cy'itotezwa*.

IBIRIMO

INTANGIRIRO	1
IGICE CYA A. - KURINDWA IHOHOTERWA.....	3
1. Ni ibihe bikorwa bishobora kuba impamvu y'icyemezo cyo kurindwa ihohoterwa?	3
2. Ni nde ushobora gusaba urukiko icyemezo cyo kurindwa ihohoterwa? ..	4
3. Ni gute ikirego cyo kurindwa ihohoterwa gitangira?	4
4. Ni uruhe rukiko rw'ifasi urega agomba kuregera?.....	5
5. Amafaranga	5
6. Inama zo kuzuza ikirego	5
7. Ibihe bidasanzwe	6
8. Inzira yo kubona icyemezo cyo kurindwa cy'agateganyo.....	7
9. Ibibujijwe ku burenganzira bw'uregwa bwo gutunga, kwakira, cyangwa gutunga imbunda, izindi ntware ziteye akaga, cyangwa amasasu.....	7
10. Gutanga amakuru yerekeye intarwa ziteje akaga.....	9
11. Kumenyeshya uregwa	9
12. Ni izihe mpapuro z'urukiko uregwa azakira?	9
13. Ni ryari icyemezo cyo kurinda cy'agateganyo gitangira kugira agaciro? ..	10
14. Ni ryari urukiko ruzateganya iburanisha rya nyuma mu rubanza rwo kurindwa ihohoterwa?	10
15. Uburenganzira n'inshingano z'uregwa mu rubanza rutangwamo icyemezo cyo kurindwa ihohoterwa Uburenganzira bw'uregwa.....	10
16. Gusaba guhindura cyangwa gusesa icyemezo cy'agateganyo	11
17. Niba icyemezo cy'agateganyo kibuzwa uregwa gutunga imbunda cyangwa intware ziteye akaga	11
18. Ingingo ugomba kuzirikana mbere y'iburanisha rya nyuma.....	13
19. Gusaba kwimura itariki y'iburanisha	13
20. icyo ugomba kwitega ku rukiko	13
21. icyemezo gifatwa ku bwumvikane (hatabayeho iburanisha)	14
22. Bigenda bite mu iburanisha rya nyuma?.....	14
23. Ni ubuhe busabe bushobora gushyirwa mu cyemezo cyo kurindwa ihohoterwa?	15
24. Ni igihe kingana iki icyemezo cyo kurindwa ihohoterwa cya nyuma kimara?	17
25. Byagenda bite uregwa arenze ku bikubiye mu cyemezo?	17
26. Niba icyemezo cya nyuma kibuzwa uregwa gutunga imbunda cyangwa intware ziteye akaga	18
27. Guhindura cyangwa kurangiza icyemezo cyo kurindwa cya nyuma.....	18
28. Niba urega ashaka ko icyemezo cyo kurindwa cyongerwa.....	18
29. icyemezo cyo kurindwa ihohoterwa cyatanzwe n'urukiko mu yindi leta cyangwa igihugu.....	19

30. Kujuririra icyemezo cyo kurindwa ihohoterwa cya nyuma.....	19
IGICE CYA B — KURINDWA ITOTENZA.....	20
1. Itotenza ni iki?	20
2. Ni nde ushobora gusaba urukiko kurindwa itotenza?	20
3. Ni nde ushobora kuba uregwa mu rubanza rujyanye no kurindwa itotenza?	21
4. Nigute ushobora gutangira urubanza rwo kurindwa itotenza? Guhabwa imenyesha ryo "guhagarika itotenza" ku bashinzwe kubahiriza amategeko	21
5. Ni uruhe rukiko rw'ifasi urega agomba kuregera?	21
6. Amafaranga	22
7. Inama zo kuzuza ikirego	22
8. Ese urega ashobora guhabwa icyemezo cyo kurindwa itotenza cy'ateganyo?	22
9. Ni ryari iburanisha rya nyuma rizabera mu rubanza rujyanye no kurindwa itotenza?	23
10. Kumenyesha uregwa	23
11. Uburenganzira n'inshingano z'uregwa mu rubanza rutangwamo icyemezo cyo kurindwa itotenza	23
12. Kugena igihe iburanisha rya nyuma rizabera mu rubanza rujyanye no kurindwa itotenza	24
13. icyo ugomba kwitega ku rukiko	24
14. Ibyemezo bifatwa ku bwumvikane (hatabayeho iburanisha)	24
15. Bigenda bite mu iburanisha rya nyuma?	24
16. Ni ubuhe busabe bushobora gushyirwa mu cyemezo cyo kurindwa itotenza?	24
17. Ni igihe kingana iki icyemezo cyo kurindwa itotenza cya nyuma kimara? Ese gishobora guhinduka?	25
18. Byagenda bite uregwa arenze ku cyemezo cyo kurindwa itotenza?	26
19. Ibyemezo byo kurindwa itotenza byatangiye mu yindi leta cyangwa igihugu	26
20. Kujuririra icyemezo cyo kurindwa itotenza cya nyuma	26
IBISOBANURO BY'AMAGAMBO Y'INGENZI	27
UMUGEREKA WA A. - INKIKO Z'IFASI	33
UMUGEREKA WA B. - IBIRO BYA SHERIFU & IBIRO BYA POLISI YA LETA YA MAINE	35
UMUGEREKA WA C. - AMAKURU RUSANGE	37

Impugukirwa y'ingenzi

Ibisabwa byihariye bijyanye n'urubanza rwawe bikubiye mu mategeko, amabwiriza, n'ibyemezo byo mu rwego rw'ubuyobozi. Iyi ni imfashanyigisho gusa. Iyi mfashanyigisho ntabwo ikubiyemo inama zo mu rwego rw'amategeko.

INTANGIRIRO

Iyi imfashamyumvire isobanura uburyo bwo **gutanga** icyemezo cy'igihe gito n'icyemezo ndakuka **by'urukiko** kijyanye no kurindwa **ihohoterwa** cyangwa kurindwa **itoteza**.

NI GUTE AMATEGEKO ATANDUKANYE?

Amategekpe ajyanye no kurindwa ihohoterwa no kurindwa itoteza agiye atandukana mu buryo bwinshi. Nubwo byombi birebwa n'amategekpe mbonezamubano kandi afite inzira rusange y'urukiko, buri tegekpe rifite ibyo risaba byihariye. Igice cya A cy'iyi imfashamyumvire gisobanura ibyerekeye kurindwa ihohoterwa; Igice cya B kigasobanura kurindwa itoteza. Rimwe na rimwe, amategekpe yombi avugwa kimwe nk' "amategekpe yo kurinda."

Amategekpe yo kurinda ashobora kuboneka mu Gitabo cy'Amategekpe Avuguruye ya Maine ku buryo bukurikira: Umutwe wa 19-A, Igice cya 4101-4116 (kurindwa ihohoterwa);

Umutwe wa 5, Ibice bya 4651-4661 (kurindwa itoteza); na

Umutwe wa 17 na 17-A (ibice by'igitabo cy'Amategekpe Ahana ya Maine avugwa mu mutwe wa 19-A n'Umutwe 5).

Igitabo cy'Amategekpe Avuguruye ya Maine kiboneka kuri murandasi kuri: www.mainelegislature.org/legis/statutes. Amategekpe akubiyemo imvugo yihariye yemewe n'ibisabwa umucamanza akurikiza mu gihe aca urubanza ashingiyeye ku mategekpe yo kurinda ajyanye na rwo.

GUKOESHA AMAFISHI Y'URUKIKO

Urukiko rw'ifasi rwa Maine rufite amafishi ugomba gukoresha mu birego bijyanye no kurinda. Umwanditsi w'urukiko ashobora kuguha kopi y'amafishi zuzuzwa kandi ashobora gusubiza ibibazo rusange. Abanditsi b'inkiko n'abakozi b'inkiko ntibemerewe gutanga inama mu by'amategekpe.

Amafishi menshi ashobora kuboneka kuri murandasi kuri:

www.courts.maine.gov/forms/index.html.

Abantu badafite mudasobwa na mucapya bagomba kwitabaza urukiko rwibanze cyangwa bagahamagara umuronogo wagenewe ubufasha bujyanye n'ihohoterwa rikorerwa mu ngo cyangwa ihohoterwa rishingiyeye ku gitsina muri reta hose kuri nimeru ziri inyuma y'iyi imfashamyumvire.

Impapuro zombi ztangirwaho ibirego byo kurindwa ihohoterwa no kurindwa itoteza zishobora kandi kuboneka ku rupapuro rw'imbere hamwe n'urupapuro rukurikira rw'iyi imfashamyumvire.

IYI IMFASHAMYUMVIRE IGAMIJE GUTANGA AMAKURU GUSA

Kujya mu rukiko, cyane cyane niba udafite umwunganizi, bishobora kugutera ubwoba kandi bikagutera ikibazo. Aka gatabo kanditswe kugira ngo gafashe impande zidahagarariwe ziri mu manza zijyanye no kurindwa ihohoterwa cyangwa itotezwa gusobanukirwa neza inzira bikorwamo. Kugira ngo imfashamyumvire irusheho gusomwa, ibice bimwe by'amategeko, amabwiriza cyangwa ibyemezo byo mu rwego rw'ubuyobozi byavuzwe mu nshamake.

Iyo imfashamyumvire ivuga ku bintu urega cyangwa uregwa agomba cyangwa ashobora gukora, ikinyazina "wowe" giashobora gukoreshwa. "Wowe" bishobora gusobanura impande zombi mu rubanza bitewe n'igice cyihariye cy'imfashamyumvire.

Mu gihe twagerageje kwemeza ko amakuru ari ukuri kandi asobanutse, zirikana ko imvugo y'amategeko n'andi makuru y'amategeko ari ndakuka. Niba hari amakimbirane hagati y'amategeko n'iyi mfashamyumvire, amategeko ni yo akurikizwa.

Byongeye kandi, imfashamyumvire isobanura *uburyo rusange* bukurikizwa n'ibisabwa n'amategeko akurikizwa. icyemezo cy'urukiko mu manza z'abantu ubwabo kizita ku bintu byihariye n'imiterere ya buri rubanza.

Twashyizemo inkoranyamagambo yoroshye y'amagambo y'ingenzi ahagana ku musozo w'imfashamyumvire, ariko amagambo yose yasobanuwe agamiye gutanga amakuru kandi ntashobora kuba ibisobanuro byo mu rwego rw'amategeko ngo agenderweho n'umucamanza cyangwa nk'uko bigenwa n'amategeko. Amagambo ari **mu ibara ritsitse** agiye asobanuwe mu nkoranyamagambo y'amagambo y'ingenzi.

IJAMBO RYA NYUMA KU GUTANGA IKIREGO ICYO ARI CYO CYOSE MU RUKIKO

Kurindwa ihohoterwa cyangwa itotezwa bigomba gutangira gusa mu gihe ari ngombwa ko urukiko rugira uruhare mu kurinda umuntu cyangwa ibintu kwangirika.

Zirikana ko:

- Ari icyaha kuvuga ibinyoma urahiye mu nyandiko y'urukiko cyangwa iburanisha:
- Niba uvuze ibinyoma mu nyandiko y'urukiko cyangwa mu iburanisha, ushobora kwishyura amafaranga y'undi muburanyi n'amafaranga y'umwunganizi mu mategeko.
- Kuba umubyeyi yarakoresheje nabi inzira yo kumurinda kugirango agerageze kungukira mu kibazo cy'umuryango bishobora gusuzumwa n'urukiko mu gihe hafatwa icyemezo cy'uburenganzira n'inshingano by'ababyeyi.

IGICE CYA A. - KURINDWA IHOHOTERWA

1. Ni ibihe bikorwa bishobora kuba impamvu y'icyemezo cyo kurindwa ihohoterwa?

- Gutera, cyangwa kugerageza gutera cyangwa gutera ibikomere by'umubiri cyangwa guhura nabi, harimo **ihohoterwa rishingiye ku gitsina**;
- Gushyira, cyangwa kugerageza gushyira, undi muntu utinya gukomeretsa umubiri binyuze mu gutera ubwoba, gutoteza cyangwa kubabaza;
- Guhatira umuntu ku gahato, iterabwoba ku mbaraga cyangwa iterabwoba gukora ikintu runaka cyangwa kudakora ikintu uwo muntu afitiye uburenganzira bwo gukora cyangwa kudakora;
- Kumenya no kugabanya cyane urujya n'uruza rw'undi muntu, harimo no kuvana umuntu mu rugo rwe, ku ishuri, mu bucuruzi, cyangwa ku kazi, atabanje kubihirwa uruhushya n'uwo muntu;
- Kumenyesha umuntu iterabwoba ryo gukora, cyangwa gutera gukora, icyaha cy'ihohoterwa ryangiza ubuzima bw'abantu;
- Inshuro nyinshi, kandi nta mpamvu ifatika, gukurikira umuntu cyangwa kuba hafi ye cyangwa hafi y'urugo rw'umuntu, ishuri, ubucuruzi, cyangwa akazi ke;
- **Kugukurikira bya hato na hato**;
- Kwishora mu ihohoterwa rishingiye ku mibonano mpuzabitsina;
- Ubizi, kandi ugambiriye gutoteza, kubabaza cyangwa gutera ubwoba, gukwirakwiza (kugasangiza) aamashusho **bwite, agaragaza ibice by'ibanga by'umubiri** y'urega cyangwa undi muntu atabanje kubihirwa uruhushya;
- Kwishora mu **gukoresha undi imibonano mpuzabitsinza hagamijwe ubucuruzi** cyangwa **ku gahato ku buryo bukabije**;
- Gukoresha imibonano mpuzabitsina **umwana**;
- Gukwirakwiza (gusangiza) cyangwa gutunga, ufite intego yo gusangiza, **amashusho yerekana imyanya y'ibanga** y'umwangavu utarengeje imyaka 16;
- Gutoteza umwana muto kuri terefone cyangwa ibindi bikoresho by'ikoranabuhanga; cyangwa
- **Ihohoterwa rishingiye ku bukungu**, cyangwa nkana, ubizi, cyangwa ku bw'uburangare kwambura umuntu ibyo akeneye, mu gihe uwo muntu ari **umuntu mukuru udafite ubushobozi, umuntu mukuru witabwaho n'abandi**, cyangwa umuntu mukuru ufite kuva ku myaka 60 y'amavuko.

IMFASHAMYUMVIRE YEREKEYE IMANZA ZITANGIRWAMO IBYEMEZO BYO KURINDA ABANTU IHOTERWA N'ITOTENZA

Niba ibikorwa bidafatwa nk'ibigize **ihoterwa** byatuma hatangwa icyemezo cyo kurindwa ihoterwa nk'uko byasobanuwe neza n'amategeko yo kurindwa, **urega** ashobora gushakira kumenya niba ibikorwa byujuje ibisabwa byashingirwaho kugira ngo hatangwe icyemezo cyo kurindwa itotenza. Reba Igice cya B cy'iyi mfashamyumvire kugira ngo umenye amakuru yerekeye ibirego byerekeye kurindwa itotenza.

2. Ni nde ushobora gusaba urukiko icyemezo cyo kurindwa ihoterwa?

- Hatitawe ku myaka yawe, ushobora gutanga Ikirego cyo Kurindwa Ihoterwa **urega umuryango wawe cyangwa abo mu rugo cyangwa uwo mukundana cyangwa mwakundana waguhoteye**. (Menya ko niba uri umwana muto, umubyeyi wawe cyangwa undi muntu ugushinzwe mugomba gutanga Ikirego cyo kurindwa ihoterwa mu izina ryawe).
- Hatitawe ku myaka yawe, ushobora gutanga Ikirego cyo Kurindwa Ihoterwa urega uwo ari we wese wagukoreye ibikurikira:
 - Kugukurikira
 - Kugukorera ihoterwa rishingiye ku gitsina;
 - Gukoresha cyangwa gukangisha gukoresha amashusho yihariye yawe akurwanya; cyangwa
 - Wagukoresheje cyangwa wakuyoboye mu bucuruzi bushingiye ku mibonano mpuzabitsina.
- Byongeye kandi, mu gihe ufite imyaka 60 cyangwa irenga, cyangwa uri umuntu ukuze cyangwa udafite ubushobozi, ushobora gutanga Ikirego cyo kurindwa ihoterwa **urega uwo ari we wese wo muri umuryango waturutse cyangwa utanga serivise z'ubuvuzi zitishyurwa** waguhoteye. (Soma igice A.1 kuko iri "ihoterwa" rifite ibisobanuro byaturutse).
- Mu gihe uri muto, umubyeyi wawe cyangwa undi muntu ugushinzwe mushobora kwitangira ikirego cyo kurindwa ihoterwa murega uwo ari we wese:
 - wagukoresheje imibonano mpuzabitsina agamije kubakoresha mu nyungu ze;
 - Wasangiye amashusho yerekana imyanya y'ibanga cyawe, cyangwa ufite, ufite intego yo gusangiza, amashusho y'imyanya y'ibanga yawe mu gihe wari ufite munzi y'imyaka 16 y'amavuko; cyangwa
 - waturutse akoresheje terefone cyangwa ibikoreshe by'ikoranabuhanga.

3. Ni gute ikirego cyo kurindwa ihoterwa gitangira?

Abarega:

1. Uzuza Ifishi Itangirwaho Ikirego cyo Kurindwa Ihoterwa (PA-001) (ikirego cy'ihoterwa) n'andi mafishi akoreshe (reba urutonde rw'amafishi imbere h'iyi mfashamyumvire).
2. Shyira umukono ku mafishi imbere ya noteri, avoka, cyangwa umwanditsi w'urukiko, hanyuma utange amafishi ku biro by'umwanditsi w'urukiko rw'ifasi.

Ushobora kujya ku biro by'umwanditsi imbonankubone kugira ngo wuzuze kandi utange amafishi cyangwa kuzuza amafishi kuri interineti, ukayacapa, hanyuma ukaziyana mu rukiko rw'ifasi kugira ngo utange ikirego. Ibiri by'umwanditsi ntibishobora gutanga inama mu by'amategeko. Ushobora gusaba ubufasha ku ihohoterwa rikorerwa mu ngo cyangwa umwunganizi mu mategeko ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina kugira ngo agufashe gutanga inyandiko z'urukiko no kubona ubufasha mu by'amategeko. Kugira ngo ubaze umwunganizi mu mategeko, hamagara ikigo gitanga amakuru yerekeye ihohoterwa rikorerwa mu ngo cyangwa rishingiye ku mibonano mpuzabitsina ukoresheje amakuru ari inyuma y'iyi mfashamyumvire.

Ushobora kandi kohereza amafishi yujwe urukiko ukoresheje iposita. Gusa, niba uhisemo kohereza amafishi ukoresheje iposita aho gutanga aho kuyatanga imbonankubone mu rukiko, maze umucamanza akaza kwanga ubusabe bwawe bw'icyemezo cy'agateganyo, uzatakaza amahirwe yo kumvwa imbonankubone mbere y'uko umucamanza ahakana by'icyemezo cy'agateganyo.

Icyemezo cyo kurindwa ihohoterwa kigira agaciro iyo gishyizweho umukono n'umucamanza. Gusa, icyemezo gishyikirizwa uregwa mbere y'uko uwo muntu ashobora kuregerwa kurenga kuri icyo cyemezo, uretse gusa iyo uregwa yabanje kumenyeshwa icyo cyemezo cyo kurindwa ihohoterwa. Ukeneye andi mamkuru yerekeye kumenyeshwa uregwa, reba Igice cya A.10.

4. Ni uruhe rukiko rw'ifasi urega agomba kuregera?

Urega agomba kujya mu rukiko rw'ifasi rw'aho atuye, urw'aho uregwa atuye, cyangwa aho urega acumbitse niba urega yarabaye ahimukiye ku mpamvu z'umutekano.

Urutonde rw'inkiko z'ifasi warusanga ku musozo w'iyi mfashamyumvire ku mugereka wa A no ku rubuga rwa www.courts.maine.gov/courts/district.html. Niba utazi neza urukiko rw'ifasi wajyaho mu mujyi, urutonde rw'inkiko z'ifasi z'imijyi warubona ku rubuga rwa: www.courts.maine.gov/courts/find-by-town.html.

5. Amafaranga

Nta mafaranga yo gutanga ikirego mu rukiko cyangwa aya serivise atangwa ku batanga ibirego byo kurindwa ihohoterwa.

6. Inama zo kuzuza ikirego

- Kuzuza ifishi itangirwahpo ikirego cy'ihohoterwa ku buryo bwuzuye. Igice cya nyuma cya ifishi itangirwaho ikirego cy'ihohoterwa igusaba kuvivura utuzu tujyanye n'ubsabe bwawe. Izere neza ko wavivuye buri kazu kariho ibyo wifuza byose ko urukiko rusuzuma.

- Tanga ibisobanuro byinshi bishoboka. Ni iki mu buryo bwihariye uregwa yakoze cyangwa yavuze, ni ibihe bikomere cyangwa ibibi yaguteye (cyangwa, niba utanze ikirego mu izina ry'umwana), cyangwa uri mu byago by'uko yabigutera? Amagambo nka, “uregwa yarampize,” cyangwa “uregwa yankangishije kugirira nabi umwana wanjye” ntabwo atanga amakuru ahagije mu rukiko.
- Niba udashaka ko uregwa amenya aho ucumbitse kubera impamvu z'umutekano, uzuka kandi **utange icyemezo cy'ifishi itangirwaho amakuru yo kugirwa ibanga kwa aderese / Inomero ya terefone (PA-015)**. Urukiko ntiruzatanga aya makuru ku uwo ari we wese, harimo n'uregwa. Ibi bivuze ko uregwa atazashobora kubona aderese yawe cyangwa numero ya terefone. Urukiko rukeneye ariko kugira amakuru yawe kugira ngo ibiro by'umwanditsi bishobore kuvugana nawe ku byerekeye urubanza. Zirikana ko ibi bivuze kandi ko urukiko rudashobora guha amakuru yawe abunganizi mu mategeko ku bijyanye n'ihohoterwa rikorerwa mu ngo cyangwa rishingiye ku mibonano mpuzabitsina kugira ngo umwunganizi mu mategeko aguhamagare. Mu gihe wamaze kuzuza iyi fishi ariko ukaba ukeneye bw'umwunganizi mu mategeko mu kirego cyawe, wahamagara ikigo gitanga amakuru yerekeye ihohoterwa rikorerwa mu ngo cyangwa rishingiye ku mibonano mpuzabitsina ukoresheje amakuru ari inyuma y'iyi mfashamyumvire.
- Menyesha umwanditsi w'urukiko impinduka izo ari zo zose za aderese. Ifishi itangirwaho imenyeshya ry'Impuka za Aderese (CV/CR-199) ishobora gukoreshwa ku bw'iyi ntego.

7. Ibihe bidasanze

Amashusho ateye isoni

Niba urubanza rurimo ko uregwa amashusho bwite, ateye isoni, atabanje kubihereza uruhushya, amashusho yose yatanganywe *n'ikirego cy'ihohoterwa* ahita ashyirwaho kashe n'urukiko. Ibi bivuze ko amashusho adashobora kurebwa cyangwa ngo ashyirwe ku karubanda. Uregwa n'umwunganizi mu mategeko w'uregwa bazashobora kureba amashusho bari mu rukiko gusa, kandi hagamijwe gutegura igisubizo kijyanye *n'ikirego cy'ihohoterwa*.

Imbunda cyangwa intwari zishobora gutera akaga

Urukiko rushobora kubuza uregwa gutunga imbunda cyangwa izindi ntware zishobora guteza akaga mu rubanza rujyanye no kurinda mu gihe ibyo bisabwa byujijwe. Reba Igice cya A.9 kugira ngo ubone amakuru arambuye.

8. Inzira yo kubona icyemezo cyo kurindwa cy'agateganyo

Umucamanza ashobora gutanga **icyemezo cy'agateganyo** mu gihe atekereza ko hari impamvu yumvikana yo kubikora. Impamvu yumvikana bivuze ko hari akaga ako kanya ko guhohotera urega cyangwa umwana muto.

Niba utanze *ikirego cy'ihohoterwa* imbonankubone mu rukiko, umwanditsi azagaragariza *ikirego cy'ihohoterwa* umucamanza vuba bishoboka kandi azaguha andi makuru yerekeye ibizakurikiraho.

Ushobora gusabwa gutegereza mu rukiko kugeza igihe umucamanza ashobora gusuzumira *ikirego cy'ihohoterwa*. Usabwe gukurikiza amabwiriza y'umwanditsi w'urukiko yose.

Umucamanza ashobora kukubaza ibyerekeye *ikirego cy'ihohoterwa*, harimo no kukubaza ibindi bibazo byerekeye *ikirego cy'ihohoterwa cyawe*. Mu gihe umucamanza yemera ko amakuru watanze yujuje ibisabwa kugira ngo ubutabazi bwihuse butangwe, umucamanza azashyira umukono ku cyemezo.

Icyemezo cyo kurindwa cy'agateganyo gishobora kuba giubiyemo bimwe cyangwa ibikubiye mu busabe bwawe byose mu *ikirego cy'ihohoterwa*.

Icyemezo cyo kurindwa cy'agateganyo kigira agaciro iyo gishyizweho umukono n'umucamanza, ariko icyemezo gishyikirizwa uregwa mbere y'uko uwo muntu ashobora kuregerwa kurenga kuri icyo cyemezo, uretse gusa iyo uregwa yabanje kumenyeshwa icyo cyemezo cyo kurindwa ihohoterwa.

Urukiko ruzagena igihe cy'iburanisha rya nyuma mu minsi 21 nyuma y'itariki ikirego cyatangiyeho. Icyemezo cyo kurindwa ihohoterwa cya nyuma gishobora kumara imyaka ibiri.

Niba uhagaritse ikirego mbere y'iburanisha rya nyuma, icyemezo cyo kurindwa cy'agateganyo cyatanzwe ntikizongera kugira agaciro.

9. Ibubijwe ku burenganzira bw'uregwa bwo gutunga, kwakira, cyangwa gutunga imbunda, izindi ntware ziteye akaga, cyangwa amasasu

Amategako ya Maine

Amategako ya Maine yemerera umucamanza kubuza uregwa gutunga imbunda cyangwa izindi **ntware ziteye akaga** mu cyemezo cyo kurinda by'igihe gito cyangwa cya nyuma ihohoterwa niba ibisabwa byubijwe.

IMFASHAMYUMVIRE YEREKEYE IMANZA ZITANGIRWAMO IBYEMEZO BYO KURINDA ABANTU IHOHOTERWA N'ITOTENZA

Kubuza uregwa gutunga intwari ziteje akaga, umucamanza agomba gusanga:

- Ihohoterwa ryarimo gukoresha cyangwa gukangisha gukoresha imbunda cyangwa intwari iteje akaga; *cyangwa*
- Ibyago byinshi byo guhohoterwa byihuse bibaho k'ruhande rurega cyangwa ku mwana muto mu rugo.

Urega asaba urukiko kubuza uregwa gutunga imbunda cyangwa intwari ziteye akaga agomba gutanga amakuru yihariye, kandi arambuye ku bijyanye no gukoresha k'uregwa, gukangisha gukoresha, cyangwa ibyago byo gukoresha izo ntware mu *kirego cy'ihohoterwa*.

Niba umucamanza abujije uregwa gutunga imbunda cyangwa izindi ntware ziteye akaga, umucamanza asaba uregwa gutunga (cyangwa "kureka") imbunda cyangwa intwari abashinze umutekano cyangwa undi muntu mu gihe cy'icyemezo.

Amategeko ya leta

Ukurikije amakuru yihariye y'urubanza, urukiko ruramutse rutanze icyemezo cya **nyuma**, amategeko ya leta na yo ashobora kubuza uregwa gutunga, kwakira, cyangwa gutunga imbunda cyangwa amasasu.

Kugira ngo iri tegeko ribuza rikurikizwe mu rubanza, ibisabwa bikurikira bigomba gukurikizwa:

- Urega n'Uregwa bagomba kuba barashakanye cyangwa ari abahoze barashakanye, ababyeyi bahujwe n'umwana muto, cyangwa abantu babana cyangwa bahoze babana;
- Urega agomba kuba yari afite integuza n'amahirwe yo kugira uruhare mu iburanisha; kandi
- icyemezo cya nyuma kigomba kugaragaza ko uregwa abujijwe gutera ubwoba, gukubita, gufata ku ngufu, gutoteza, guhiga, cyangwa guhohoterwa urega n'umwana/abana bato baba mu rugo. Ibi bikubiyemo kubuza gukoresha, kugerageza gukoresha, cyangwa gukangishwa gukoresha imbaraga z'umubiri byitezwe ko byangiza umubiri w'urega cyangwa umwana muto uba mu rugo.

Umuntu wese wibaza niba itegeko rya leta rikurikizwa mu rubanza rwabo agomba gusaba ubufasha mu by'amategeko.

10. Gutanga amakuru yerekeye intarwa ziteje akaga

Niba uzi intwaro ziteye akaga uregwa afite, zirikana ko uzisobanura mu buryo burambuye bushoboka. Sobanura ubwoko bw'intwaro (imbunda), umubare w'intwaro, uko intwaro zimeze, n'aho zibikwa.

11. Kumenyesha uregwa

Mu gihe urukiko rutanze icyemezo cyo kurinda cy'agateganyo, urukiko rutegura uburyo bwo **kukumenyesha** uregwa. "Kumenyesha" cyangwa "kubwira" uregwa bisobanura gutuma uregwa amenya kubaho ku ikirego. Ushinzwe iyubahiriza ry'amategoko (umwungirije wa sherifu, umusirikare wa Leta ya Maine, cyangwa umupolisi waho) azamenyesha uregwa imbonankubone (nanone bita imyekanisha ryo "mu ntoki.")

Usibye kopi z'impapuro, kopi z'ikoranabuhanga z'urukiko na zo zizoherezwa abashinzwe iyubahiriza ry'amategoko. Ibi byemeza ko niba umuyobozi wungirije sherifu cyangwa ikigo cyihariye gishinzwe kubahiriza amategoko kidashobora guhita kibona uregwa ngo amenyeshwe, abashinzwe umutekano muri Maine bose bazamenya ko bagombwa gukurikirana uregwa bafite impapuro z'urukiko. Nk'urugero, niba uregwa ahagaritswe kubera kurenga ku mategeko y'umuhanda, umuporisi azamenya ko agomba kumenyesha uregwa icyemezo cy'urukiko nyuma yo kureba uwo muntu muri sisiteme y'ikoranabuhanga ya Leta.

Ushinzwe iyubahirizwa ry'amategoko umenyesheje uregwa azandika itariki n'igihe uregwa amenyesherejwe. Ibi byitwa "gihamya y'imenyeshwa." Gihamya y'imenyeshwa ni ngombwa kubera ko urukiko rutazongera kuburanisha bwa nyuma niba rudafite ibimenyetso byerekana ko uregwa yamenyeshweje ku mugaragaro urwo rubanza.

Ushobora gushaka gukurikirana ikigo gishinzwe iyubahirizwa ry'amategoko cyangwa urukiko kugira ngo umenye igihe uregwa yamenyesherejwe. Andika aya makuru kugira ngo uzayifashishe mu iburanisha rya nyuma.

12. Ni izihe mpapuro z'urukiko uregwa azakira?

Uregwa azahabwa *Ihamagarwa/ Icyemezo cyo Kurinda (PA-004)* kumumenyesha ahantu n'igihe iburanisha rya nyuma rizabera.

Uregwa nawe azahabwa kopi y'ikirego cy'ihohoterwa cyawe, kandi mu gihe gitanzwe, ahabwe na kopi y'icyemezo cyo kurinda cy'agateganyo.

13. Ni ryari icyemezo cyo kurinda cy'agateganyo gitangira kugira agaciro?

Icyemezo cyo kurinda cy'agateganyo gitangira kugira agaciro kigisinywa n'umucamanza. N'ubwo bimeze bityo, uregwa agomba kuba afite integuza y'icyemezo cy'agateganyo, cyangwa akaba yarahawe icyo cyemezo, kugira ngo abe ashobora gukurikiranwaho icyaha cyo kutacyubahiriza.

14. Ni ryari urukiko ruzateganya iburanisha rya nyuma mu rubanza rwo kurindwa ihohoterwa?

Niba umucamanza yatanze icyemezo cyo kurinda cy'agateganyo (mu gihe uregwa yagisabye), iburanisha rya nyuma **riba** mu minsi 21 nyuma y'itangwa ry'ikirego cy'ihohoterwa uretse igihe uwareze ahagarikishije ikirego.

15. Uburenganzira n'inshingano z'uregwa mu rubanza rutangwamo

icyemezo cyo kurindwa ihohoterwa Uburenganzira bw'uregwa

Buri wese uregwa mu rubanza rutangwamo icyemezo cyo kurindwa ihohoterwa afite uburenganzira bwo:

- Kwakira kopi y'ikirego cy'ihohoterwa cyatanze mu rubanza;
- Kwakira imenyeshya ry'itariki, isaha, n'ahantu hazabera iburanisha rya nyuma;
- Gutanga igisubizo cyanditse cy'ikirego cy'ihohoterwa cyatanze n'uregwa (si ihame);
- Kwitabira iburanisha rya nyuma no gutanga ibimenyetso mu izina ry'uregwa, harimo gutanga ubuhamya no guhamagara abatangabuhamya;
- Saba ko ibiro by'umwanditsi w'urukiko bitanga **ihamagarwa** kugira ngo uregwa amenyeshe umutangabuhamya yifuza ko yitabira iburanisha;
- Saba urukiko **guhindura** cyangwa **gukuraho** icyemezo cyo kurinda cy'agateganyo; no
- Gushaka umwunganizi mu mategeko cyangwa gushaka ubundi bufasha bwo gusubiza cyangwa kuburana nk'awarezwe. Amakuru yerekeye amategeko mwayasanga ku rupapuro rw'inyuma rw'iyi mfashamyumvire.

Inshingano z'Uregwa

Uregwa uwo ari we wese mu rubanza rujyanye no kurinda ihohoterwa ufite icyemezo cyo kurindwa cy'agateganyo kimurega, agomba gukurikiza ibigikubiyemo byose mu gihe kigifite agaciro. Abaregwa barenga ku bikubiye mu cyemezo cy'agateganyo barakurikiranwa kandi bagahanwa nk'abakoze icyaha.

Gusa umucamanza ashobora guhindura ingingo z'icyemezo cyo kurinda cy'agateganyo. Urega ntashobora guhindura ingingo cyangwa guha uregwa uruhushya rwo kurenga ku bikubiye muri icyo cyemezo.

Nk'urugero, niba icyemezo cy'agateganyo kibuzza uregwa kwinjira mu nzu yabanagamo n'wareze, uregwa azaregwa icyaha cyo kujya mu nzu, kabone n'iyi uregwa yaba yatumiye uregwa kujyayo.

Kurenga ku cyemezo cyo kurinda cy'agateganyo buri gihe ni icyaha cyo mu rwego rwa D gitanga ibihano bigera ku minsi 364 y'igifungo na / cyangwa ihazabu y'amadolari 2,000. Kurenga ku cyemezo cyo kurinda cy'agateganyo biba nanone rimwe na rimwe icyaha cyo mu rwego rwa C gitanga ibihano by'igifungo cy'imyaka itanu n'ihazabu y'amadolari 5,000.

Uregwa wifuzza kwanga ikirego cy'urega, cyangwa gutanga ibimenyetso ku rubanza, agomba kwitabira iburanisha rya nyuma. Niba uregwa atarahawe ataramenyeshajwe (atahawe integuza y'iburanisha n'urukiko) igihe cy'iburanisha rya nyuma, urubanza ruzasubikwa mu gihe gito. Icyemezo cyo kurinda cy'agateganyo kizakomeza gukurikizwa kugeza icyo gihe.

Uregwa agomba kumenyesha ibiro by'umwanditsi w'urukiko amakuru yose yahinduwe ya aderese, urukiko rushyikirizwa *Ifishi y'Imenyeshya ry'Impinduka za Aderese (CV / CR-199)* kandi urega agahabwa kopi.

16. Gusaba guhindura cyangwa gusesa icyemezo cy'agateganyo

Gusaba urukiko **guhindura** cyangwa **gusesa** icyemezo cy'agateganyo, koresha ifishi: *Icyifuzo cy'uregwa cyo gusesa icyemezo cyo kurinda cy'agateganyo cyangwa Icyifuzo cyo guhindura Icyemezo cyo Kurinda (PA-010)*.

Nta mafaranga acibwa yo gutanga ifishi *PA-010*.

Iyo uregwa asabye ko urukiko rwahindura cyangwa rusesa icyemezo cy'agateganyo, urega agomba kumenyeshwa amasaha 48 mbere y'iburanisha uretse igihe umucamanza yashyizeho igihe gito.

17. Niba icyemezo cy'agateganyo kibuzza uregwa gutunga imbunda cyangwa intwari ziteye akaga

Niba icyemezo cy'agateganyo kibuzza uregwa gutunga imbunda cyangwa izindi ntware ziteye akaga, uregwa agomba guha intwari zose umukozi ushinze kubahiriza amategako cyangwa undi muntu nk'uko bigaragara muri icyo cyemezo. Urukiko ruzaza uregwa urupapuro rw'urukiko rwitwa *Amakuru Yerekeye Gutanga Imbunda n'izindi Ntwari (PA-26)* akubiyemo ibisobanuro by'uburyo bukwiye bwo gutunga imbunda cyangwa intwari ziteye akaga mu buryo butekanya kubahirizwa icyemezo cy'urukiko.

**IMFASHAMYUMVIRE YEREKEYE IMANZA ZITANGIRWAMO IBYEMEZO
BYO KURINDA ABANTU IHOHOTERWA N'ITOTENZA**

Uregwa agomba gusuzuma amakuru yitonze kandi akemeza ko agomba gukurikiza inzira zavuzwe mu gihe yatanze imbunda cyangwa intwari ziteye akaga.

Niba icyemezo gisaba uregwa guha intwari abashinzwe iyubahirizwa ry'amategeko, abashinzwe iyubahirizwa ry'amategeko bazashyikiriza urukiko *Imenyeshya ry'Itangwa ry'Intwari Rikorwa n'Abashinzwe Iyubahirizwa ry'Amategeko (PA-024)* kugira ngo urukiko rumenyeshwe intwari, niba zihari, uregwa yatanze.

Niba icyemezo cyemerera uregwa guha intwari undi muntu utari ushinze kubahiriza amategeko, uregwa agomba gutanga *Imenyeshya ry'Itangwa ry'Intwari Rikorwa n'Uregwa (PA-025)* kugira ngo atange raporo yerekana ko izo ntware zose yazitanze. Ifishi igomba gutangwa mu masaha 24 nyuma yo kuzitanga kandi zigahabwa urukiko cyangwa ikigo gishinzwe kubahiriza amategeko cyagaragaye mu cyemezo cy'urukiko. Imbunda cyangwa izindi ntware zishobora guteza akaga zigomba gutangwa mu gihe cyagenwe n'icyemezo.

Igihe cyose *Imenyeshya ry'Itangwa ry'Intwari* (haba ifishi ya PA-024 cyangwa iya PA-025) rishyikirizwa urukiko, umwanditsi w'urukiko akoherereza uregwa n'uregwa kopi yifashishije iposita, hamwe n'ifishi yitwa *Amakuru Ajyanye n'Imenyeshya ry'Itangwa ry'Intwari* (PA-031). PA-031 isobanura icyo gukora niba uregwa yemera ko uregwa atigeze atanga intwari zose uregwa yari afite, cyangwa niba uregwa yemera ko amakuru yatanze n'abashinzwe iyubahirizwa ry'amategeko atari yo.

- Niba uri uregwa kandi ukizera ko uregwa atigeze atanga intwari zose, ushobora kuvugana n'abashinzwe iyubahirizwa ry'amategeko. Ushobora kandi gushaka kuvugana n'umwunganizi mu mategeko ku bijyanye n'ihohoterwa rikorerwa mu ngo cyangwa rishingiye ku mibonano mpuzabitsina ukoreshye amakuru ari inyuma y'iyi mfashamyumvire.
- Niba uri uregwa kandi ukizera ko amakuru ari mu *Imenyeshya ry'Itangwa ry'Intwari* ryatanze n'abashinzwe kubahiriza amategeko atari ukuri, ushobora guhamagara ikigo gishinzwe kubahiriza amategeko cyatanze iryo menyesha kugira ngo gitange amakuru y'ukuri.

Niba urukiko rwemeje ko hari impamvu zishobora gutuma uregwa atatanga imbunda zose cyangwa izindi ntware ziteye akaga nk'uko bisabwa n'icyemezo cyo kurinda, urukiko rushobora gutanga icyemezo cyo gusaka cyemerera abashinzwe iyubahiriza ry'amategeko gufata intwari ahantu hose.

18. Ingingo ugomba kuzirikana mbere y'iburanisha rya nyuma

Umwanditsi w'urukiko azagena igihe cy'iburanisha rijyanye n'ikirego cyo kurindwa ihohoterwa bitarenze iminsi 21 nyuma yo gutanga *ikirego cy'ihohoterwa*.

Uregwa agomba kumenyeshwa mu buryo bwemewe urubanza kugira ngo iburanisha rya nyuma ribe. Niba uregwa ataramenyeshwe itariki y'iburanisha rya nyuma, urukiko ruzasubika iburanisha rugene indi tariki.

Niba uregwa atarigeze amenyeshwa umunsi w'iburanisha rya nyuma, urega agomba gukomeza kwitaba urukiko kuri iyo tariki kugira ngo arebe ko urubanza rutabwira kandi ko icyemezo icyo ari cyo cyose cy'agateganyo gikomeza gukurikizwa.

Impande zombi zigomba kwitaba mu rubanza rwa nyuma. Niba urega atitabye iburanisha, umucamanza ashobora gusiba urubanza. Niba urubanza rwasibwe, icyemezo cyo kurinda cy'agateganyo gitakaza agaciro.

Niba uregwa yaramenyeshwe, ariko ntiyitabye mu iburanisha, birashoboka ko umucamanza ashya umukono ku cyemezo cya nyuma cyo kurindwa ihohoterwa.

19. Gusaba kwimura itariki y'iburanisha

Niba urega cyangwa uregwa afite ibibazo byihutirwa kandi akaba adashobora kwitabira iburanisha ku munsi uteganyijwe, uwo muburanyi agomba kubimenyesha urukiko vuba kandi agasaba **gukomeza kw'ikirego** (kugena indi tariki) mu nyandiko. Umucamanza azafata icyemezo cyo gutanga icyifuzo cyo gukomeza ikirego. Undi muburanyi agomba kwakira kopi y'ikirego cyanditse cyaregwe urukiko kandi akagira amahirwe yo gusubiza icyo kirego.

20. Icyo ugomba kwitega ku rukiko

Imanza zo kurindwa ihohoterwa no kurindwa itotezwa buri wese aba azemerewe. Ibi bivuze ko hashobora kubaho abandi bantu mu rukiko mu gihe urukiko ruburanisha ikirego cyawe. Inkiko zikunze kugena igihe cy'imana nyinshi zo kurindwa ihohoterwa cyangwa itotezwa ku munsi umwe. Impande zose zinyura mu gice cyagenewe gucunga mumutekano kugira ngo zinjire mu rukiko. Ababuranyi n'abaregwa ntibashobora guhura ngo begerane mu rukiko, usibye kugerageza kumvikana muri uru rubanza binyuze ku mwunganizi mu mategeko. Mu nkiko nyinshi, abunganizi mu mategeko b'ihohoterwa rikorerwa mu ngo n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina baraboneka kugira ngo bafashe abarega. Ababuranyi bazagira amahirwe yo kumvikana mu rubanza rwabo, ariko niba ababuranyi badashobora kumvikana, muri rusange urukiko ruzakora iburanisha uwo munsi.

Kubera iyo mpamvu, ababuranyi bagomba kwitaba urukiko biteguye gutanga ibimenyetso, gutanga ubuhamya, nibiba ngombwa bahamagare abatangabuhamya mu iburanisha.

21. icyemezo gifatwa ku bwumvikane (hatabayeho iburanisha)

Mbere y'uko iburanisha rya nyuma ritangira, umucamanza ashobora kubaza ababuranyi niba bafite ubushake bwo gutekereza ku cyemezo cyo kurindwa aho kugira ngo baburanishwe byuzuye. icyemezo gifatwa ku bwumvikane (ibyemezo byumvikanyweho) bikunze gukorwa nyuma y'umucamanza avuganye n'ababuranyi mu rukiko, cyangwa binyuze mu bunganizi mu mategeko b'ihohoterwa rikorerwa mu ngo n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Niba hari icyemezo cyo kurinda cy'agateganyo kibuka uregwa n'urega kubonana, ntihakagombye kubaho ibiganiro bitaziguye cyangwa kubonana hagati y'ababuranyi nta mucamanza uhari.

Ibyemezo bifatwa ku bwumvikane bishobora gushyiramo uburinzi bumwe kandi bifite *ingaruka zemewe n'amategeko zimwe* n'iz'icyemezo cyatanze nyuma y'iburanisha. Uregwa agomba gufatwa no gukurikiranwa mu gihe yarenze ku cyemezo cyafashwe ku bwumvikane nk'uko uregwa yaba arenze ku cyemezo cyatanze nyuma y'iburanisha.

Icyakora, icyemezo cyafashwe ku bwumvikane gitangwa nta mucamanza wasanze uregwa yarahohoteye cyangwa ibikorwa urega yasobanuye mu *kirego cy'ihohoterwa*.

22. Bigenda bite mu iburanisha rya nyuma?

Niba ababuranyi badashoboye kumvikana kandi bakeneye kwitabira iburanisha, muri rusange umucamanza akomeza iburanisha uwo muni. Iburanisha rya nyuma rizashyirwa ahagaragara kandi rizabera imbere y'umucamanza.

Kugaragaza ikirego

Urega n'uregwa bombi bagomba kuba biteguye gutanga ibimenyetso, gutanga ubuhamya, byaba ngombwa bagahamagara abatangabuhamya mu iburanisha.

Kimwe n'izindi manza zose z'urukiko mbonezamubano, urega avuga mbere kandi akagira inshingano zo gusobanura **ibikubiye mu** kirego cy'ihohoterwa.

Uregwa agira amahirwe yo kwiregura nyuma yurega.

Urega asaba urukiko kwemeza ibyo asaba byihariye mu *kirego cy'ihohoterwa*. Uregwa agomba kwitegura gusobanura impamvu ibikubiye mu kirego cyatanze n'uregwa bidakwiye gutangwa, cyangwa kugena ubundi buryo.

IMFASHAMYUMVIRE YEREKEYE IMANZA ZITANGIRWAMO IBYEMEZO BYO KURINDA ABANTU IHOTERWA N'ITOTENZA

Ushyamba urega n'uregwa, abantu bafite ubumenyi bwihariye ku byabaye barashobora gutanga ubuhamya. Niba urubanza rwazanywe mu izina ry'umwana uri muni y'umyaka 18 y'amavuko, umwana ashobora gukenera gutanga ubuhamya. Niba urega cyangwa undi mutangabuhamya afite amakuru yihariye ku byabaye kandi ashobora gutanga ubuhamya aho, umwana ntashobora gukenera gutanga ubuhamya.

Kimwe n'izindi manza zaciye n'imbenezamubano, iburanisha rya nyuma rigengwa n'amategako ya Maine agenga imiburanishirize y'imanza z'imbenezamubano n'amahame ya Maine yerekeye ibimenyetso, aha amakuru ntarengwa umucamanza ashobora gusuzuma. Urukiko ruzafata icyemezo ku nzitizi iyo ari yo yose.

Ababuranyi biburanira baburanishwa kimwe n'abafite abunganizi mu mategeko. Ntabwo urukiko rufata umuburanyi udahagarariwe mu buryo bwihariye hashingiwe ku kuba adafite umwunganizi mu mategeko.

Ni nde ushobora kwitabira iburanisha?

Ababuranyi bashobora guherekezwa n'inshuti n'abagize umuryango kandi bagafashwa kandi bakagira n'abunganizi mu mategeko mu iburanisha. Abaherekeje ababuranyi ntibashobora gutanga ubuhamya mu gihe badafite amakuru yihariye y'ibikorwa byasobanuwe mu *kirego cy'ihohoterwa*.

Niba impande ari ababyeyi b'abana bato

Niba urega n'uregwa ari ababyeyi b'abana bato, buri muburanyi agomba kuzana *Icyemezo cy'ubufasha bw'umwana (FM-050)* mu gihe cy'iburanisha rya nyuma uretse igihe icyemezo cyo gufasha abana cyatangiye gukurikizwa. Umucamanza ashobora kubaza ibibazo bijyanye n'amafaranga yinjizwa n'ababuranyi. Niba hari icyemezo cyatanze, umucamanza ashobora kugena ubwishyu bw'ubufasha bw'abana niba nta cyemezi cy'ubufasha bw'umwana gisanzwe kiriho.

23. Ni ubuhe busabe bushobora gushyirwa mu cyemezo cyo kurindwa ihohoterwa?

Icyemezo cyo kurindwa ihohoterwa gishobora kubamo kimwe cyangwa byinshi muri ibi bikurikira:

1. Uregwa ntashobora kubabaza, gutera ubwoba cyangwa kubangamira urega hamwe n'abana bese mu rugo rw'urega;
2. Uregwa ntashobora kubonana **mu buryo butaziguye** cyangwa **buziguye** n'urega;
3. Uregwa agomba kuba kure y'urugo, ishuri, ubucuruzi cyangwa akazi by'uregwa;
4. Uregwa ntashobora guhiga cyangwa gukurikira urega;

**IMFASHAMYUMVIRE YEREKEYE IMANZA ZITANGIRWAMO IBYEMEZO
BYO KURINDA ABANTU IHOHOTERWA N'ITOTEZWA**

5. Uregwa ntashobora gutunga imbunda cyangwa izindi ntware ziteye akaga;
6. Uregwa ntashobora gufata, kugurisha, kwangiza cyangwa gusenya umutungo uwo ari wo wose w'urega wose cyangwa igice cyawo;
7. Uregwa ntashobora gukomeretsa cyangwa gukangisha gukomeretsa amatungo yose y'uruhande urwo ari rwo rwose;
8. Uregwa ntashobora gukwirakwiza (gusangiza) amashusho ayo ari yo yose yihariye, ateye isoni y'urega; kandi
9. Uregwa abujijwe guca, kwimura, cyangwa kwangiza pasiporo y'urega cyangwa izindi nyandiko zose z'abinjira mu mahanga afite.

Icyemezo gishobora:

1. guha by'agateganyo inzu urega cyangwa uregwa;
2. kugabana ababuranyi umutungo bwite;
3. kugena uburyo bwo kwita, kurera, cyangwa kugenzura amatungo ayo ari yo yose ya buri ruhande cyangwa umwana muto uba mu rugo;
4. gusaba uregwa kwishyura urega ubufasha bw'agateganyo, ibihombo bikomotse ku mafaranga yinjizwa, umutungo wangiritse, cyangwa amafaranga yo kwimuka;
5. Gusaba ihagarikwa ry'amabwiriza y'ubwishingizi bw'ubuzima ubwo ari bwo bwose bw'uregwa hemezwa urega, hamwe na kopi y'icyemezo cyoherezwa mu kigo cy'ubwishingizi;
6. Gusaba uregwa kubona ubujyanama, kwitabira gahunda yemewe yo kukumira ihohoterwa rikorerwa mu ngo, cyangwa kwitabira urundi rwego rw'ubujyanama, urukiko rusanga bikwiye;
7. Gusaba uregwa gukuraho, gusenya, cyangwa gusubiza urega amashusho yose yihariye, y'urukozasoni, cyangwa kwishyura amafaranga ajyanye no gukuraho, gusenya, cyangwa gusubiza amashusho; no
8. Kwishyura indishyi zijyanye no gusubiza cyangwa kugarura pasiporo y'urega cyangwa izindi nyandiko z'abinjira n'abasohoka cyangwa kwishyura imyenda iyo ari yo yose urega akomora ku mibonano mpuzabitsina ishingiyeye ku bucuruzi.

IMFASHAMYUMVIRE YEREKEYE IMANZA ZITANGIRWAMO IBYEMEZO BYO KURINDA ABANTU IHOTERWA N'ITOTENZA

Mu gihe urega n'uregwa bafitanye abana, icyemezo gishobora no kubamo kimwe cyangwa byinshi muri ibi bikurikira:

1. Gutanga uburenganzira bw'ababyeyi bw'agateganyo (icumbi ry'ibanze no gusurwa);
2. Gutegeka kwishyura indezo y'umwana, harimo gufatira umushahara uhitwa wishyurwa nk'indezo; no
3. Gutegeka gutanga ibyemezo by'ubufasha bw'umwana niba bitarakozwe.

Umucamanza ashobora gutegeka uregwa kwishyura amagarama y'urubanza na / cyangwa igihembo cya avoka gifite ishingiro.

Umucamanza ashobora ahubwo, gutegeka urega kwishyura amagarama y'urukiko na / cyangwa igihembo cya avoka cyumvikana nyuma y'iburanisha, ariko gusa iyo urukiko rutatanze icyemezo cyo kumurinda kandi rusanga *ikirego cy'ihoterwa* kitari **gifite ishingiro**.

Icyemezo gishobora kwerekana ubundi busabe ubwo ari bwo bwose bukenewe kandi bukiye.

Ukurikije **amakuru yihariye** ari mu cyemezo cya nyuma, uregwa ashobora kandi kubuzwa gutunga, kwakira, cyangwa gutunga imbunda cyangwa amasasu hashingiye ku mategeko y'igihugu, kabone n'icyo uregwa atari asanzwe abujijwe gutunga imbunda cyangwa intwari ziteye akaga hashingiye ku biteganywa n'amategeko ya Maine. Reba Igice cya A.9.

24. Ni igihe kingana iki icyemezo cyo kurindwa ihoterwa cya nyuma kimara?

Icyemezo cyo kurindwa ihoterwa cya nyuma cya mbere gishobora kumara imyaka igera kuri ibiri. Igihe gito gishobora gutegekwa cyangwa kumvikanwaho n'ababuranyi. Niba umucamanza yongereye icyemezo cyo kurindwa ihoterwa cya nyuma cya mbere abisabwe n'urega, noneho umucamanza ashobora kongerera icyemezo igihe cyose urukiko rusanga gikenewe mu rwego rwo kurinda urega.

25. Byagenda bite uregwa arenze ku bikubiye mu cyemezo?

Urega agomba guhamagara ikigo gishinzwe kubahiriza amategeko agasobanura ko uregwa yarenze ku cyemezo cyo kurindwa ihoterwa (cy'agateganyo cyangwa cya nyuma).

Hamagara 911 niba hari umuntu uri mukaga ako kanya.

Niba uregwa arenze ku cyemezo cyo kurindwa ihoterwa, bitewe n'amategeko yihariye agenga icyo cyemezo, iryo hohoterwa rishobora kuba icyaha cyo mu rwego rwa D cyangwa urwego rwa C kandi gishobora gutuma uregwa atabwa muri yombi cyangwa agacibwa amande.

IMFASHAMYUMVIRE YEREKEYE IMANZA ZITANGIRWAMO IBYEMEZO BYO KURINDA ABANTU IHOHOTERWA N'ITOTEZWA

Umukozi ushinze kubahiriza amategeko ntabwo akeneye kwibonera iryo hohoterwa kugira ngo afate uregwa.

26. Niba icyemezo cya nyuma kibuzza uregwa gutunga imbunda cyangwa intwaro ziteye akaga

Icyemezo cya nyuma gishobora kubuzza uregwa gutunga imbunda cyangwa izindi ntware ziteje akaga kandi bigasaba uregwa guha izo ntware izo ari zo zose abashinze umutekano cyangwa undi muntu. Niba urukiko rumaze gutanga icyemezo cy'agateganyo kibuzza gutunga imbunda cyangwa intwaro ziteje akaga, uregwa ashobora kuba yarahinduye intwaro zose nk'uko bisabwa n'icyemezo cya nyuma. Niba uregwa agifite imbunda cyangwa intwaro ziteje akaga zibujijwe n'icyemezo cya nyuma cyangwa amategeko ya federasiyo, uregwa agomba guha imbunda zose cyangwa intwaro ziteje akaga abashinze umutekano cyangwa undi muntu.

Wasoma igice cya A.12 kugira ngo umenye amakuru yerekeye inzira uregwa agomba gukurikiza kugira ngo atange imbunda cyangwa intwaro ziteje akaga kandi n'igishobora kubaho mu gihe uregwa yarenze ku cyemezo.

27. Guhindura cyangwa kurangiza icyemezo cyo kurindwa cya nyuma

Umucamanza wenyine ni we ushobora guhindura, **kurangiza** (gushyira iherezaho), cyangwa kongera icyemezo cyo kurinda, kabone n'ubwo impande zombi zaba zisubiyeho ku ngingo zitandukanye, cyangwa bagiranye amasezerano. Kugeza igihe umucamanza ahinduye cyangwa arangije icyemezo, icyemezo cya mbere gikomeza gukurikizwa. Ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishobora gushyira uregwa mu kaga ko gufatwa cyangwa gukurikiranwa.

Guhindura icyemezo cya nyuma mbere y'uko kirangira, uruhande rusaba guhindura rugomba gutanga *Icyifuzo cya nyuma y'urubanza cyo guhindura / Icyifuzo cyo guhagarika icyemezo cyo kurinda (PA-022)* umwanditsi w'urukiko rw'ifasi, no kohereza kopi urundi ruhande.

Umwanditsi atanga itariki n'igihe cy'iburanisha kandi ategure uburyo bwo kumenyesha impande akoresheje iposita cyangwa abashinze kubahiriza amategeko.

Inzira imwe rusange y'uburyo bwo kurinda, nk'uko byasobanuwe mbere muri iyi mfashamyumvire, ikoresheye ku cyifuzo cyo guhindura icyemezo cyo kurinda.

28. Niba urega ashaka ko icyemezo cyo kurindwa cyongerwa

Icyemezo cyo kurindwa ihohoterwa cy'ibanze gishobora kumara imyaka igera kuri ibiri. Niba urega ashaka ko icyemezo cyongerwa, urega agomba gusaba umwanditsi w'urukiko rw'ifasi. Gukoresha ifishi ya *y'icyifuzo cyo kongera igihe icyemezo cyo kurinda kimara*(PA-013).

IMFASHAMYUMVIRE YEREKEYE IMANZA ZITANGIRWAMO IBYEMEZO BYO KURINDA ABANTU IHOTERWA N'ITOTENZA

Urega agomba gutanga icyifuzo cyo kongerera icyemezo cyo kurindwa iminsi 30 mbere y'itariki kirangiriraho kugira ngo hirindwe icyuho cyo kurindwa. Niba urega adasabye kongererwa icyemezo cyo kurindwa, icyemezo cya mbere kigumaho gusa kugeza igihe kirangirira. Niba urega adatanze *Icyifuzo cyo kongererwa icyemezo cyo kurindwa* kugeza ku itariki kirangiriraho kandi agikeneye kurindwa, urega asabwa gutanga bundi bushya *ikirego cy'ihoterwa n'ibigikubiyemo* bishya.

Inzira imwe rusange y'uburyo bwo kurinda, nk'uko byasobanuwe mbere muri iyi mfashamyumvire, ikoresheye ku cyifuzo cyo kongera icyemezo cyo kurinda. Uregwa afite uburenganzira bwo gusubiza, kujya mu iburanisha ku cyifuzo cyo kongera icyemezo, cyangwa gutanga *Icyifuzo cya nyuma y'urubanza cyo guhindura / Icyifuzo cyo guhagarika icyemezo cyo kurindwa (PA-022)*.

29. Icyemezo cyo kurindwa ihoterwa cyatanzwe n'urukiko mu yindi leta cyangwa igihugu

Niba warabonye icyemezo cyo kurindwa ihoterwa cy'agateganyo cyangwa cya nyuma cyatanzwe n'urukiko mu yindi leta cyangwa igihugu, ushobora gutanga, cyangwa "kwandikisha" icyo cyemezo mu Rukiko rw'Ifasi ya Maine Ntubabwira kwandikisha icyemezo cyangwa urubanza rwaciriwe ahandi ngo byubahirizwe muri Maine, ariko bishobora gufasha abashinzwe kubahiriza amategeko kubishyira mu bikorwa. Icyemezo cyatangiwe mu yindi leta rimwe na rimwe cyitwa "urubanza rwaciriwe ahandi."

Kugira ngo wandikishe icyemezo cyo kurindwa cyafatiwe ahandi, utanga inyandiko zikurikira mu rukiko rw'ifasi ya Maine ku muji wowe cyangwa uregwa mutuyemo (kugira ngo ubone rutonde rw'inkiko z'ifasi z'umujyi, wasura urubuga rw'Ishami ry'Ubucamanza rya Maine):

- *Urupapuro rw'incamake y'ibirego by'irage n'umuryango (FM-002);*
- *Icyemezo n'Ubusabe bwo kwandikisha Icyemezo cyo Kurinda cyatangiwe ahandi hakurikijwe ishyirwa mu bikorwa ry'itegeko rigenga imanza zaciriwe ahandi (UEFJA);* na
- Kopi imwe y'icyemezo cyo kurinda cyatangiwe mu yindi leta.

Umwanditsi w'urukiko azuzura *Imenyeshya ryo Kwemeza* ayikohereze kandi ayohereze n'abashinzwe kubahiriza amategeko akoresheje iposita. Uregwa azaba yaramenyeshywe icyemezo cy'agateganyo cyangwa cya nyuma n'urukiko mu yindi leta, kandi **ntabwo** azamenyeshywe ko wandikishije icyemezo muri Maine.

30. Kujuririra icyemezo cyo kurindwa ihoterwa cya nyuma

Niba uruhande rumwe rutemeranya n'icyemezo cyo kurindwa ihoterwa cya nyuma, ashobora kujuririra mu Rukiko rw'Ikirenga rwa Maine. Urukiko rw'Ikirenga rwa Maine rwitwa kandi Urukiko rw'Amategeko iyo ruburanisha ubujurire.

IMFASHAMYUMVIRE YEREKEYE IMANZA ZITANGIRWAMO IBYEMEZO BYO KURINDA ABANTU IHOTERWA N'ITOTENZA

Kugira ngo utangire kujurira, umuburanyi ujurira agomba gutanga impapuro zikurikira mu rukiko rw'ifasi rwatanze icyemezo cya nyuma cyo kurindwa mu minsi 21 nyuma y'uko icyemezo cyinjijwe:

- *Imenyeshya ry'ubujurire (CV-CR-162); na*
- *Ifishi y'Icyemezo cyo mu buryo bw'amajwi n'icyo mu buryo bw'inyandiko (CV-CR-165)*

Hariho amafaranga y'ubujurire yishyurwa mu Rukiko rw'Amategako usibye abarega bahawe icyemezo cyo kurindwa ihohoterwa cya nyuma cyangwa icyemezo cyo kurindwa itotenza kigaragaza ihohoterwa rikorerwa mu ngo, gukurikiranwa, ihohoterwa rishingiye ku gitsina, imibonano mpuzabitsina igamije ubucuruzi, cyangwa ikwirakwizwa ritemewe ry'amashusho yihariye. Ariko, ayo mafaranga ashobora kuvaho mu gihe udashoboye kwishyura. Nyuma yo gutanga impapuro zavuzwe haruguru, no kwishyura amafaranga yo gutanga ubujurire, umuburanyi agomba gukurikiza yitonze ibisabwa n'Amategako agenga imiburanishirize y'ubujurire muri Maine. Kurangiza ubujurire mu Rukiko rw'Amategako bishobora kugorana. Uragirwa inama yo kuvugisha umunyamategeko mbere yo kujya mu bujurire.

IGICE CYA B — KURINDWA ITOTENZA

1. Itotenza ni iki?

- Ibikorwa bitatu cyangwa byinshi by'iterabwoba, guterana amagambo, imbaraga z'umubiri zikoreshwa cyangwa zigamijwe gukoreshwa n'uregwa, hagamijwe guteza ubwoba, iterabwoba, cyangwa kwangiza ibintu bwite, kandi mu by'ukuri bitera ubwoba, cyangwa kwangiza umutungo bwite; cyangwa
- Igikorwa kimwe cyangwa inzira y'imyitwarire bigize **icyaha gikomeye**, nk'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, iterabwoba, gushimuta, gukomeretsa bikabije, gutwika, cyangwa kurenga ku buzima bwite; cyangwa
- Kurenga cyangwa kubangamira uburenganzira ahabwa n'igihugu cyangwa bw'imbonezamubano.

2. Ni nde ushobora gusaba urukiko kurindwa itotenza?

- Umuntu uwo ari we wese, harimo abaro ku rutonde mu gice cya A.2; n'
- Igikorwa cy'ubucuruzi.

3. Ni nde ushobora kuba uregwa mu rubanza rujyanye no kurindwa itotetzwa?

- Umuntu wese ashobora kuba uregwa mu rubanza rujyanye no kurindwa itotetzwa. Nta sano idasanzwe isabwa kuba hagati y'urega n'uregwa.
- Soma neza *Ibibazo Byerekeye Imanza zo Kurinda* kuri paji ya i kugira ngo usobanukirwe igihe cyo gutanga ikirego cyo kurindwa itotetzwa aho kuba icyo kurindwa ihohoterwa.

4. Nigute ushobora gutangira urubanza rwo kurindwa itotetzwa? Guhabwa imenyeshya ryo "guhagarika itotetzwa" ku bashinzwe kubahiriza amategeko

Akenshi, urega agomba kwerekana ko abashinzwe kubahiriza amategeko bamaze guha uregwa icyemezo cyo guhagarika itotetzwa (rimwe na rimwe cyitwa "imenyeshya ryo guhagarika itotetzwa") mbere yo gutangira urubanza rwo kurindwa itotetzwa.

Mu bihe bimwe na bimwe, kumenyeshya gusa abashinzwe iyubahiriza ry'amategeko bishobora guhagarika ihohoterwa.

Kugira ngo abashinzwe kubahiriza amategeko batange icyemezo cyo guhagarika itotetzwa, jya ku ishamba rya polisi rikwegereye, mu birindiro by'abapolisi ba Leta ya Maine, cyangwa ku biro by'umugenzacyaha, hanyuma utange raporo ku itotetzwa maze usabe ko byamenyeshwa abo bireba. Niba imenyeshya ryo guhagarika itotetzwa ridahagaritse itotetzwa, ugomba kubona kopi y'imenyeshya ryo guhagarika itotetzwa hanyuma ukayitangana *n'Ikirego cyo kurindwa itotetzwa (PA-006) (Ikirego cy'itotetzwa)*.

Ntabwo *usabwa* gutanga kopi y'imenyeshya ryo guhagarika itotetzwa niba ikirego cy'itotetzwa gishingiye ku kirego cy'ihohoterwa rikorerwa mu ngo, ihohoterwa riba hagati y'bakundana, ihohoterwa rishingiye ku gitsina, gukurikirana, cyangwa gutotetzwa hakoreshejwe terefone cyangwa ibikoresho by'itumanaho hakoreshejwe ikoranabuhanga nk'uko byasobanuwe muri 17-A M.R.S. §§ 506 (1) (A-1) cyangwa (A-2), cyangwa ikindi gikorwa kigize icyaha gikomeye.

Ushobora kandi gusaba urukiko kureka imenyeshya ryo guhagarika itotetzwa mu gihe ufite impamvu zifatika zo gusaba kureka iryo menyesha.

5. Ni uruhe rukiko rw'ifasi urega agomba kuregera?

Urega ashobora kuja mu rukiko rw'ifasi aho urega cyangwa uregwa batuye, cyangwa aho ubucuruzi bwabo buherereye.

Urutonde rw'inkiko z'ifasi warusanga ku musozo w'iyi mfashamyumvire ku mugereka wa A no ku rubuga rwa: www.courts.maine.gov/courts/district.html.

Niba utazi neza urukiko rw'ifasi wajyaho mu mujyi, urutonde rw'inkiko z'ifasi z'imijyi warubona ku rubuga rwa: www.courts.maine.gov/courts/find-by-town.html.

6. Amafaranga

Hariho amafaranga yo gutanga ikirego cy'itotetwa uretse mu gihe ikirego cy'itotetwa gishingiye ku kirego cy'ihohoterwa rikorerwa mu ngo, gukurikirana, ihohoterwa rishingiye ku gitsina, imibonano mpuzabitsina ku mpamvu z'ubucuruzi, cyangwa gukwirakwiza (gusangiza) amashusho bwite. Umwanditsi w'urukiko azaguha amakuru yerekeye amafaranga yishyurwa agezweho. Byongeye kandi, gahunda y'amafaranga yishyurwa ushobora kuyisanga mu Iteka ry'Ubuyobozi JB-05-26, riboneka kuri: www.courts.maine.gov/orders.html.

Niba udashobora kwishyura ayo mafaranga, ushobora gusaba umucamanza ubusonerwe. Umwanditsi w'urukiko azaguha icyemezo cyo gutanga ubusabe bw'ubusonerwe.

7. Inama zo kuzuza ikirego

Reba Igice cya A.6.

8. Ese urega ashobora guhabwa icyemezo cyo kurindwa itotetwa cy'agateganyo?

Yego. Urega agomba kwerekana ko ari mu *kaga ako kanya* ko guhohoterwa ku mubiri cyangwa **amarangamutima y'agahinda gakabije**. Niba urega ari ikigo cy'ubucuruzi, urega agomba kwerekana ko ubucuruzi buri mu kaga k'ako kanya ko kuba hari ibyangirika biturutse ku bikorwa by'uregwa.

Icyemezo cyo kurindwa itotetwa cy'agateganyo gishobora kubuza uregwa bimwe cyangwa byose bikurikira:

1. Gukangisha, gukubita, kwivanga, gutotetwa ukoresheje terefone cyangwa ibikoreshe by'itumanaho by'ikoranabuhanga nk'uko byasobanuwe muri 17-A M.R.S. §§ 506 (1) (A-1) cyangwa (A-2), kubuza, cyangwa guhungabanya umudendeko w'urega cyangwa abakozi b'urega;
2. Kwinjira aho urega atuye cyangwa mu mutungo we;
3. Gufata, kugurisha cyangwa kwangiza umutungo w'urega cyangwa igice cyawo;
4. Inshuro nyinshi, kandi nta mpamvu ifatika, gukurikirana urega; cyangwa kuba hafi y'urugo, ishuri, ubucuruzi cyangwa akazi;
5. Kubonana mu buryo utaziguye cyangwa buziguye n'urega; cyangwa

6. Gutegeka uregwa kureka guca, kwimura, cyangwa kwangiza pasiporo y'urega cyangwa izindi nyandiko zose z'abinjira mu mahanga uregwa afite.

Reba Igice cya A.8 mu gihe ukeneye andi makuru yerekeye kubona icyemezo cyo kurindwa ihohoterwa cy'agateganyo.

9. Ni ryari iburanisha rya nyuma rizabera mu rubanza rujyanye no kurindwa itotetwa?

Iburanisha rya nyuma mu rubanza rujyanye n'itotetwa rizaba riteganyijwe ku itariki ya vuba ishoboka, ariko bitandukanye n'urubanza rwo kurindwa ihohoterwa, ntirusabwa gutegurwa mu minsi 21 nyuma y'uko *ikirego cy'itotetwa* gitanzwe.

10. Kumenyesha uregwa

Ihamagarwa, ikirego cy'itotetwa, n'amafishi y'inyongera yashyikirijwe urukiko bigomba gushyikirizwa uregwa mbere y'iburanisha.

Mu gihe urukiko rutanze icyemezo cyo kurindwa cy'agateganyo, urukiko rutegura uburyo bwo kukimenyesha uregwa.

Nta magarama atangwa yo kumenyesha uretse igihe:

- *Ikirego cy'itotetwa* gikubiyemo ihohoterwa rikorerwa mu ngo, gukurikirana umuntu, ihohoterwa rishingiye ku gitsina, ubucuruzi bushingiye ku gitsina cyangwa gukwirakwiza mu buryo butemewe amashusho bwite; cyangwa
- Urukiko rutanga icyemezo cyo kurindwa itotetwa cy'agateganyo, hatitawe ku mpamvu.

Kimwe no mu rubanza rujyanye no kurindwa ihohoterwa, iburanisha rya nyuma ntirishobora gukorwa uregwa ataramenyeshwa mu buryo bwemewe urwo rubanza.

Reba andi makuru ajyanye no kumenyesha mu gice cya A.11.

11. Uburenganzira n'inshingano z'uregwa mu rubanza rutangwamo icyemezo cyo kurindwa itotetwa

Uregwa mu rubanza rutangwamo icyemezo cyo kurindwa itotetwa afite uburenganzira n'inshingano nk'iz'uregwa mu rubanza rutangwamo icyemezo cyo kurindwa ihohoterwa. Reba Igice cya A.15.

12. Kugena igihe iburanisha rya nyuma rizabera mu rubanza rujyanye no kurindwa itotezwa

Umwanditsi w'urukiko azategura iburanisha rya nyuma ry'urubanza rwo kurindwa ihohoterwa nyuma y'uko umucamanza asinyiye icyemezo kurindwa cy'agateganyo.

Niba umucamanza yafashe icyemezo cyo kudatanga icyemezo cy'agateganyo, ariko urega yifuza gukomeza, hateganywa iburanisha rya nyuma.

Uregwa agomba kuba yarabonye integuza (yaramenyeshajwe) mbere y'itariki y'iburanisha rya nyuma. Iburanisha rya nyuma rizaba riteganyijwe ku itariki ya hafi hashoboka. Reba Igice cya A.14 n'icya A.18-A.19 kugira ngo ubone andi makuru yerekeye iburanisha rya nyuma.

13. icyo ugomba kwitega ku rukiko

Reba Igice cya A.20 kugira ngo umenye amakuru y'ibyo wakwitega mu rukiko.

14. Ibyemezo bifatwa ku bwumvikane (hatabayeho iburanisha)

Urukiko rushobora gutegya icyemezo gifashwe ku bushake (nanone cyitwa icyemezo cyumvikanyweho) mu rubanza rwo kurindwa itotezwa kimwe n'urw'ihohoterwa. Reba Igice cya A.21.

15. Bigenda bite mu iburanisha rya nyuma?

Niba iburanisha rya nyuma ribayeho, hakurikizwa uburyo bumwe n'ubwo mu rubanza rwo kurindwa ihohoterwa. Reba Igice cya A.22.

16. Ni ubuhe busabe bushobora gushyirwa mu cyemezo cyo kurindwa itotezwa?

Icyemezo cyo kurindwa itotezwa cya nyuma gishobora kubuza uregwa bimwe cyangwa byose bikurikira:

1. Gutoteza, gutera ubwoba, gukubita, kwivanga, gutera cyangwa ubundi buryo bwo guhohotera urega cyangwa abakozi b'urega;
2. Kwinjira mu mutungo w'urega cyangwa aho atuye;
3. Kubangamira cyangwa gusenya umutungo w'urega;
4. Inshuro nyinshi, kandi nta mpamvu ifatika, gukurikirana urega, cyangwa kuba hafi y'urugo, ishuri, ubucuruzi cyangwa akazi ke;

**IMFASHAMYUMVIRE YEREKEYE IMANZA ZITANGIRWAMO IBYEMEZO
BYO KURINDA ABANTU IHOHOTERWA N'ITOTENZWA**

5. Kubonana mu buryo utaziguye cyangwa buziguye n'urega; no
6. Gutegeka uregwa kureka guca, kwimura, cyangwa kwangiza pasiporo y'urega cyangwa izindi nyandiko zose z'abinjira mu mahanga uregwa afite.

Icyemezo cya nyuma gishobora kandi gusaba uregwa kwishyura amafaranga urega kubera igihombo kitaziguye yagize giturutse ku itotezwa. Ibihombo bigarukira ku bikurikira:

1. Gutakaza amafaranga yinjizwa cyangwa inkunga;
2. Amafaranga yakoreshejwe mu kurinda umutekano;
3. Amafaranga yakoreshejwe ku mpamvu zo gukomeretsa umuntu cyangwa kwangiza ibintu;
4. Amafaranga yo kwimuka yumvikana; na
5. Indishyi zijyanye no gusubiza cyangwa kugarura pasiporo y'urega cyangwa izindi nyandiko z'abinjira n'abasohoka cyangwa kwishyura imyenda iyo ari yo yose urega akomora ku mibonano mpuzabitsina ishingiyeye ku bucuruzi.

Umucamanza ashobora gutegeka uregwa kwishyura amagarama y'urubanza na / cyangwa igihembo cya avoka gifite ishingiro.

Umucamanza ashobora ahubwo, gutegeka urega kwishyura amagarama y'urukiko na / cyangwa igihembo cya avoka cyumvikana, ariko gusa iyo urukiko rutatanze icyemezo cyo kumurinda kandi rusanga *ikirego cy'itotezwa* kitari gifite ishingiro.

Icyemezo gishobora kuba gikubiyemo ubundi busabe ubwo ari bwo bwose bukenewe kandi bukwiye.

17. Ni igihe kingana iki icyemezo cyo kurindwa itotezwa cya nyuma kimara? Ese gishobora guhinduka?

Icyemezo cyo kurindwa itotezwa cya nyuma cya mbere gishobora kumara imyaka igera kuri ibiri. Umucamanza ashobora gutegeka igihe gito, cyangwa ababuranyi bakemeranya igihe gito mu cyemezo gifashwe ku bwumvikane. Niba umucamanza yongereye igihe cy'icyemezo cyo kurindwa ihohoterwa ashingiyeye ku busabe bw'urega, umucamanza ashobora kongera icyemezo mu gihe kirenze umwaka.

Ni inzira imwe isanzwe ikoreshwa mu guhindura cyangwa kongera igihe cy'icyemezo cyo kurindwa itotezwa cyangwa ihohoterwa.

**IMFASHAMYUMVIRE YEREKEYE IMANZA ZITANGIRWAMO IBYEMEZU
BYO KURINDA ABANTU IHOTERWA N'ITOTENZA**

Urega n'uregwa bombi bashobora gusaba ko urukiko rwahindura icyemezo cyo kurindwa itotenza. Gusa urega ni we wenyine ushobora gusaba ko urukiko rwongera igihe cy'icyemezo cyo kurindwa itotenza. Reba ibice bya A.27 - A.28.

18. Byagenda bite uregwa arenze ku cyemezo cyo kurindwa itotenza?

Mu gihe uregwa yarenze ku cyemezo cyo kurindwa itotenza, uregwa ashobora kuregwa icyaha cyo mu rwego rwa D kandi ashobora gufatwa, gucibwa amande, cyangwa agafatwa nk'uwakoze icyaha cyo gusuzugura urukiko (niba uregwa atishyuye indishyi z'amafaranga yategetswe n'urukiko). Reba Igice cya A.25 kugira ngo umenye amakuru yerekeye icyo gukora mu gihe uregwa arenze ku bikubiye mu cyemezo cyo kurindwa itotenza.

19. Icyemezo byo kurindwa itotenza byatangiye mu yindi leta cyangwa igihugu

Icyemezo cyo kurindwa itotenza cyatanze n'indi leta cyangwa igihugu gifatwa kimwe n'icyemezo cyatanze n'urukiko rwo muri Maine. Reba Igice cya A.29 cy'iyi mfashamyumvire yerekeye uburenganzira n'inshingano by'urega n'uregwa.

20. Kujuririra icyemezo cyo kurindwa itotenza cya nyuma

Hakurikizwa uburyo bumwe n'ubwo mu rubanza rwo kurindwa ihoterwa. Reba Igice cya A.30.

IBISOBANURO BY'AMAGAMBO Y'INGENZI

Ihohoterwa:

- Gutera, cyangwa kugerageza gutera ibikomere by'umubiri cyangwa guhura n'undi ku bw'inabi, harimo ihohoterwa rishingiye ku gitsina (reba n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina);
- gushyira, cyangwa kugerageza gushyira, undi muntu utinya gukomeretsa umubiri binyuze mu buryo ubwo ari bwo bwose bwo gutera ubwoba, gutoteza cyangwa kubabaza;
- guhatira umuntu ku gahato, iterabwoba ku mbaraga cyangwa iterabwoba gukora ikintu runaka uwo muntu afitiye uburenganzira bwo kwanga gukora ikintu cyangwa kwanga gukora ikintu umuntu afitiye uburenganzira bwo gukora;
- kubangamira ukwishyira ukizana k'undi muntu mu kugenda kwe utabanje kubihirwa uruhushya n'uko muntu umuvana mu rugo rwe, ku ishuri, mu bucuruzi, cyangwa ku kazi, kumutera kuja mu ntera ndende, cyangwa kwishyira mu muhezi by'igihe kirekire;
- kumenyesha umuntu iterabwoba ryo gukora, cyangwa gutera gukora, icyaha cy'ihohoterwa ryangiza ubuzima bw'abantu;
- inshuro nyinshi, kandi nta mpamvu ifatika, gukurikirana urega, cyangwa kuba hafi y'urugo, ishuri, ubucuruzi cyangwa akazi ke;
- ubizi, kandi ugambiriye gutoteza, kubabaza cyangwa gutera ubwoba, gukwirakwiza (kugasangiza) amashusho bwite cyangwa videwo cyangwa amajwi, bigaragaza ibice by'ibanga by'umubiri y'urega, cyangwa undi muntu atabanje kubihirwa uruhushya; cyangwa
- kwishora mu gukoresha undi imibonano mpuzabitsina hagamijwe ubucuruzi cyangwa ku gahato ku buryo bukabije;

Abakuze: Umuntu ufite kuva ku myaka 18 y'amavuko, cyangwa umwana muto wigenga.

Icyemezo cy'indahiro: Indahiro yanditse yatanze ku bushake, kandi yashyizweho umukono.

Icuruzwa rikabije rishingiye ku mibonano mpuzabitsina: Guhatira umuntu kwinjira, kwishora, cyangwa kuguma mu buraya hakoreshejwe imbaraga, iterabwoba, agahato, cyangwa uburiganya; guteza imbere uburaya ku muntu utarageza ku myaka 18; cyangwa guteza imbere uburaya ku muntu ufite ubumuga bwo mu mutwe, nk'uko bisobanurwa mu Mutwe wa 17-A w'Amategeko Avuguruye ya Maine, Igice cya 852.

**IMFASHAMYUMVIRE YEREKEYE IMANZA ZITANGIRWAMO IBYEMEZO
BYO KURINDA ABANTU IHOHOTERWA N'ITOTETWA**

Ibikubiye mu kirego: Ibisobanuro cyangwa ibikubiye mu kirego cyatanzwe hamwe n'izindi nyandiko z'urukiko, bitaratangirwa gihamya.

Gukomeza kw'icyemezo: Kongera kugena igihe cy'iburanisha bisabwe mu nyandiko n'uruhande rumwe cyangwa zombi. Umucamanza wenyine ni we ushobora kwemeza gukomeza kw'icyemezo.

Intwaro iteje akaga: Imbunda cyangwa ikindi gikoresho cy'ikoranabuhanga, ibikoresho, cyangwa imiti, byaba ibinyabuzima cyangwa ibidafite ubuzima, bikoreshwa nk'intwaro kandi bishobora guteza urupfu cyangwa ibikomere by'umubiri bikomeye.

Abari mu rukundi: Abantu bari cyangwa bahoze mu rukundo, baba bari abakundana bakorana cyangwa badakorana imibonano mpuzabitsina.

Uregwa: Umuntu warezwe mu rukiko.

Umuntu mukuru: Umuntu mukuru ufite ubumuga cyangwa uburwayi bwo mu mutwe bibangamira cyane ubushobozi bw'umuntu mukuru bwo kwita bihagije ku byo umuntu mukuru akenera bya buri muni.

Kubagana mu buryo butaziguye: Igihe icyo ari cyo cyose uregwa aba ari hafi y'urega, cyangwa kugerageza kuvugana n'urega mu bundi buryo, harimo terefone, ibaruwa, imeyiri, ubutumwa bugufi, cyangwa ubutumwa bw'uregwa bwashyizwe ku mbuga nkoranyambaga z'urega.

Gusesa icyemezo: Gushyira iherezo ku cyemezo cyo kurinda cy'agateganyo. Rimwe na rimwe urukiko rukoresha ijamba "gukuraho icyemezo" risobanura ikintu kimwe.

Ihohoterwa ry'ubukungu: Gukomeza kugenzura umutungo w'umuntu ku giti cye, gutera cyangwa kugerageza gutera umuntu kwigenga mu bukungu. Harimo gukoresha inguzanyo cyangwa umutungo utabifitiye uburenganzira cyangwa ku gahato, kubuza kubona amafaranga, kubuza kuja ku ishuri cyangwa ku kazi, kwiba, kuriganya, gukoresha umutungo ku nyungu z'umuntu ku giti cye, no kubuza kubona ibintu bifatika birimo ibyo kurya, imyambaro, n'imiti.

Umwana wigenga: Umuntu utarageza ku myaka 18 y'amavuko wahawe kwigenga n'icyemezo cy'urukiko.

Umuhangayiko: Ububabare bwo mu mutwe cyangwa mu marangamutima bwerekanwa n'ubwoba, guhangayika, cyangwa kubabazwa.

Abagize umuryango wagutse: Abagize umuryango bafitanye isano y'amaraso, bashakanye, cyangwa kurerwa n'umubyeyi utarakubyaye, umuntu yaba aabana cyangwa yarabanye n'uwahohotewe.

Abagize umuryango cyangwa ababa mu rugo:

- Uwo mwashakanye cyangwa uwo mwari mwarashakanye;
- uwo mubana cyangwa uwo mwahoze mubana mu rugo;
- abantu babana cyangwa bahoze babana;
- ababyeyi b'umwana umwe;
- abantu bakuze mu rugo bafitanye isano y'amaraso cyangwa bashakanye;
- abana bato b'umubyeyi cyangwa umwishingizi iyo uregwa ari umuntu mukuru uba mu rugo rw'umubyeyi cyangwa umwishingizi; cyangwa
- abakorana cyangwa abahoze bakorana imibonano mpuzabitsina.

Gutanga ikirego: Gutanga ikirego ni ukuzuka no gutanga amafishi cyangwa inyangiko kugira ngo utangize urubanza, cyangwa gusaba urukiko kugira icyo rukora mu rubanza.

Icyemezo cya nyuma: Mu rubanza rushingiye ku mategeko yo kurinda, ni icyemezo umucamanza atanga mu iburanisha rya nyuma. Reba kandi icyemezo cya nyuma n'icyemezo cy'agateganyo.

Kubona amakuru y'ukuri icyemezo cy'umucamanza ku kibazo gishingiye ku makuru.

Kubura ishingiro: Mu gihe umucamanza asanze ibikubiye mu kirego cyangwa izindi nyandiko bidafite ishingiro mu by'ukuri kandi byari bigamije gutoteza, gukoza isoni, cyangwa gutinza, umucamanza azemeza ko ikirego kidafite ishingiro kandi ashobora gusaba urega kwishyura amagarama n'amafaranga yakoreshejwe.

Umwishingizi: Umuntu ku giti cye ufite ububasha bwemewe n'inshingano zo kwita ku nyungu z'undi. Ubusanzwe umubyeyi ni umwishingizi w'umwana cyangwa abana be. Umwishingizi ashobora kandi kuba undi muntu cyangwa ikigo cya leta cyashyizweho mu buryo bwemewe mu zina ry'umwana cyangwa umuntu mukuru udashoboye cyangwa utanzwe n'undi muntu.

Itotezwa: Hashingiwe ku mategeko arengera, ibikorwa bitatu (3) cyangwa byinshi by'iterabwoba, guhangana, imbaraga zifatika cyangwa zugarijwe n'uregwa, zakozwe hagamijwe gutera ubwoba, gukanga cyangwa kwangiza ibintu bwite, kandi mu by'ukuri bitera ubwoba, cyangwa byangiza umutungo bwite; cyangwa igikorwa kimwe cyangwa imyitwarire imwe bigize icyaha gikomeye; cyangwa guhonyora cyangwa kwivanga mu burenganzira bw'urega ahabwa n'igihugu cyangwa bw'imbonezambano.

Iburanisha: Kuburana imbere y'umucamanza. Muri Maine, abantu rimwe na rimwe bakoresha ijambo "iburana" bashaka kuvuga ikintu kimwe n'iburanisha

**IMFASHAMYUMVIRE YEREKEYE IMANZA ZITANGIRWAMO IBYEMEZO
BYO KURINDA ABANTU IHOHOTERWA N'ITOTEZWA**

Umuntu mukuru udashoboye: Umuntu mukuru udashobora kwakira no gusuzuma amakuru, cyangwa gufata cyangwa kumenyekanisha ibyemezo byuzuye ku buryo umuntu mukuru adashobora kuzuza ibisabwa by'ingenzi mu buzima bw'umubiri, umutekano, cyangwa kwiyitaho, kabone n'iyi yaba afite ubufasha bw'ikoranabuhanga.

Kubagana bu buryo busiguye: Imbaraga zose z'uwarezwe zo kuvugana n'uwareze binyuze mu bandi bantu, harimo no gusaba abandi guha amabaruwa cyangwa amashusho urega, cyangwa kohereza imeyiri ku urega, ubutuma bwanditse, cyangwa ubutumwa bwo ku mbuga nkoranyambaga.

Umuntu ku giti cye: Umuntu usanzwe; ikiremwa muntu gitandukanye n'ubucuruzi cyangwa ikigo.

Umwana muto: Umuntu ku giti cye uri muni y'imyaka 18.

Guhindura: Guhindura ingingo z'icyemezo usubiza ubusabe bw'uruhande, mu gihe byemewe.

Icyifuzo: Ubusabe bwanditse umuburanyi aha rukiko.

Icyemezo: Umwanzuro w'umucamanza aha uruhande rumwe cyangwa impande zombi wo gukora cyangwa kudakora ikintu runaka. Mu rubanza rushingiye ku mategeko yo kurinda, umucamanza ashobora gutanga icyemero cyo kurengera cy'agateganyo, icyemezo cya nyuma cyo kurinda (nyuma y'iburanisha rya nyuma), cyangwa icyemezo gifashwe ku bwumvikane (ubwumvikane hagati y'urega n'uregwa).

Inkomo ku mubyeyi: Isano yemewe n'amategeko yo hagati y'umwana n'umubyeyi; ubuzima gatozi bwo kuba umubyeyi.

Impande: Bisobanuye urega n'uregwa mu rubanza. Mu bumwe, ijambo "Uruhande" rishobora gusobanura urega cyangwa uregwa.

Urega: Umuntu ku giti cye utanga ikirego mu rukiko.

Amashusho bwite ateye isoni: Mu manza ziteganywa n'amategeko yo kurinda, ifoto, videwo, firime, cyangwa amajwi yafashwe mu buryo bw'ikoranabuhanga by'urega cyangwa undi muntu wambaye ubusa cyangwa wishora mu mibonano mpuzabitsina cyangwa yigana imibonano mpuzabitsina, byakwirakwijwe n'uregwa atabihereye uruhushya n'urega agamije gutoteza, kubabaza cyangwa gutera ubwoba.

Icyifuzo: Ubusabe bwihariye kwasabwe n'umuburanyi cyangwa butegekwa n'umucamanza.

Igikorwa kigize icyaha gikomeye: Mu manza ziteganywa n'amategeko zo kurindwa itotezwa, bivugwa ko yareganyijwe n'uregwa nk'uko biteganywa n'ibice by'Umutwe wa 17-A w'amategeko Avuguruye ya Sitati: 201 (Kwica umuntu bigambiriwe); 202 (uruhare mu bwicanyi); 203 (kwica umuntu bitagambiriwe);

204 (gufasha no gushishikariza kwiyahura); 207 (gukubita); 208 (gukomeretsa bikabije); 209 (iterabwoba); 210 (iterabwoba); 210-A (guhiga); 211 (kurangiza neza); 253 (ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikabije); 254-261 (ihohoterwa rishingiye ku gitsina, reba ibisobanuro ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina), 282-283 (gusambanya umwana muto), 301 (gushimuta); 302 (gufunga umuntu binyuranyije n'amategeko); 303 (gufunga umuntu binyuranyije n'amategeko bikozwe n'ababyeyi); 506-A (gutotezwa); 511 (kurenga ku buzima bwite); 511-A (gukwirakwiza amashusho yihariye, akojeje isoni); 556 (kuryamana kw'abafitanye isano); 802 (gutwika); 805 (ubugizi bwa nabi bukabije); 806 (kwangiza umutungo w'undi); 852 (icuruzwa ry'imibonano mpuzabitsina rikabije); na 853 (imibonano mpuzabitsina igamije ubucuru). Reba kandi ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Kumenyesha: Inzira yo kumenyesha umuburanyi ikibazo cy'urubanza cyangwa icyifuzo cy'urundi ruhande kugira ngo uwakiriye imenyeshye n'impapuro zemewe n'amategeko asubize.

Imibonano mpuzabitsina igamije ubucuru: Igikorwa cyangwa imyitwarire y'uregwa bishishikariza umuntu mukuru kwinjira, kwishora, cyangwa kuguma mu buraya nk'uko bisobanurwa mu Mutwe wa 17-A w'Amategeko Avuguruye ya Maine, Igice cya 853.

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina: Mu manza zishingiye ku mategeko yo kurinda, ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina mu Mutwe w'Amategeko Avuguruye ya Maine, ibice bya 251-261, harimo 253 (ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikabije), 254 (ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorwe umwana), 255-A (guhuza ibitsina bitemewe), 256 (gukorakora umwana biganisha ku mibonano mpuzabitsina), 258 (imyifatire idakwiye iganisha ku busambanyi bukorwe umwana), 259-A (gukoresha umwana igikorwa kibujije), 259-B (gushora umwana mu buraye), 260 (gukorakora bitemewe biganisha ku busambanyi), 261 (kubonana n'umwana muto bibujijwe).

Gukurikirana umuntu: Ibikorwa bibiri cyangwa byinshi byakozwe n'uregwa bireba umuntu runaka byatera umuntu ushyira mu gaciro

- kugira ikibazo gikomeye cyangwa umuhangayiko ushingiyeye ku marangamutima;
- gutinya gukomeretsa ku mubiri cyangwa gutinya gukomeretsa ku mubiri wa hafi; gutinya urupfu cyangwa gupfa k'umubano wa hafi;
- gutinya kwangirika cyangwa gusenya cyangwa kwangiza umutungo; cyangwa
- gutinya gukomeretsa cyangwa gupfa kw'itungo ry'uwo muntu runaka.

Ihamagarwa ry'umuntu ku giti cye: icyemezo cy'umucamanza gihamagaza umuntu ku giti cye kwitaba urukiko ku munsu wagenwe.

Ihamagarwa ry'uregwa: icyemezo cy'umucamanza gihamagaza uregwa kwitaba urukiko ku munsu wagenwe.

Icyemezo cy'agateganyo: Mu rubanza rushingiye ku mategeko yo kurinda, icyemezo umucamanza atanga nyuma y'uko urega atanze *ikirego* ariko mbere y'uko iburanisha rya nyuma rikorwa. icyemezo cy'agateganyo ntigikurikizwa kugeza igihe uregwa yakiriye kopi yacyo (akimenyeshejwe). Reba kandi icyemezo n'icyemezo cya nyuma.

Kurangiza: Gushyira iherezo ku cyemezo cyo kurinda cya nyuma.

Utanga serivise utarishyuye: Umuntu ku giti cye utanga ku bushake serivise zihariye za rimwe na rimwe cyangwa z'igihe cyose ku muntu mukuru mu rugo rw'umuntu mukuru, nk'uburyo umwe mubagize umuryango yatanga serivise zihariye.

Ndakuka cyangwa Agateganyo: Gupfundikira *ikirego* mu buryo bw'agateganyo byemerera urega kuba yacumbukura urubanza mu gihe kizaza ku bintu bimwe cyangwa ibyabaye. Gupfundikira *ikirego* by'agateganyo bisaba urega kuregesha ibimenyetso bishya kugira ngo abashe kuba yatanga *ikirego*.

UMUGEREKA WA A. - INKIKO Z'IFASI

AUGUSTA

1 Court Street, Suite 101
Augusta, ME 04330
(207) 213-2800

BANGOR

78 Exchange Street
Bangor, ME 04401
(207) 561-2300

BELFAST

11 Market Street
Belfast, ME 04915
(207) 338-1940

BIDDEFORD*

25 Adams Street
Biddeford, ME 04005
(207) 283-1147

BRIDGTON

3 Chase Street, Suite 2
Bridgton, ME 04009
(207) 647-3535

CALAIS

382 South Street, Suite B
Calais, ME 04619
(207) 454-2055

CARIBOU

144 Sweden Street, Suite 104
Caribou, ME 04736
(207) 493-3144

DOVER-FOXCROFT

159 East Main Street, Suite 21
Dover-Foxcroft, ME 04426
(207) 564-2240

ELLSWORTH

50 State Street, Suite 2
Ellsworth, ME 04605
(207) 667-7141

FARMINGTON

129 Main Street, Suite 1
Farmington, ME 04938
(207) 778-8200

FORT KENT

139 Market Street, Suite 101
Fort Kent, ME 04743
(207) 834-5003

HOULTON

26 Court Street, Suite 201
Houlton, ME 04730
(207) 532-2147

LEWISTON

Aderese: 71 Lisbon Street
Lewiston, ME 04240
Iposita: Agasanduku k'Iposita 1345
Lewiston, ME 04243-1345
(207) 795-4801

LINCOLN

52 Main Street
Lincoln, ME 04457
(207) 794-8512

MACHIAS

Aderese: 85 Court
Street Machias, ME 04654
Iposita: Agasanduku k'Iposita 526
Machias, ME 04654-0526
(207) 255-3044

**IMFASHAMYUMVIRE YEREKEYE IMANZA ZITANGIRWAMO IBYEMEZO
BYO KURINDA ABANTU IHOHOTERWA N'ITOTEZWA**

MADAWASKA

Aderese: 645 Main Street
Madawaska, ME 04756
Iposita: 139 Market Street, Suite 101
Fort Kent, ME 04743
(207) 728-4700

MILLINOCKET

Aderese: 207 Umuhanda wa
Penobscot,
Millinocket, ME 04462
Iposita: 52 Main Street
Lincoln, ME 04457
(207) 723-4786

NEWPORT

12 Water Street
Newport, ME 04953
(207) 368-5778

PORTLAND

205 Newbury Street
Portland, ME 04101
(207) 822-4200

PRESQUE ISLE

27 Riverside Drive
Presque Isle, ME 04769
(207) 764-2055

ROCKLAND

62 Union Street
Rockland, ME 04841
(207) 596-2240

RUMFORD

145 Congress Street
Rumford, ME 04276
(207) 364-7171

SKOWHEGAN

47 Court Street
Skowhegan, ME 04976
(207) 474-9518

SOUTH PARIS

Aderese: 26 Western Avenue
South Paris, ME 04281
Iposita: Agasanduku k'Iposita
179
South Paris, ME 04281
(207) 743-8942

SPRINGVALE*

447 Main Street
Springvale, ME 04083
(207) 459-1400

WATERVILLE

18 Colby Street
Waterville, ME 04901
(207) 873-2103

WEST BATH

101 New Meadows Road
West Bath, ME 04530
(207) 442-0200

WISCASSET

Aderese: 32 High Street
Wiscasset, ME 04578
Iposita: Agasanduku
k'Iposita 249
Wiscasset, ME 04578-0249
(207) 882-6363

YORK*

11 Chases Pond Road
York, ME 03909
(207) 363-1230

**Guhera muri Gicurasi 2023, Biddeford, Springvale, na York bizahuzwa ahantu hamwe mu kigo cy'Ubucamanza cya Kawunti ya York kuri 515 Elm Street, Biddeford, ME 04005.*

UMUGEREKA WA B. - IBIRO BYA SHERIFU & IBIRO BYA POLISI YA LETA YA MAINE

Paji y'Ububiko bwa Sherifu ku rubuga rw'Ishami ry'Ubucamanza rufite amahuza ku mbuga zose z'Ibiro bya Sherifu. Sura: www.courts.maine.gov/courts/sheriff-directory.html.

IBIRO BYA SHERIFU

ANDROSCOGGIN

2 Turner Street
Auburn, ME 04210
(207) 753-2500

AROOSTOOK

25 School Street, Suite 216
Houlton, ME 04730
(207) 532-3471

CUMBERLAND

36 County Way
Portland, ME 04102
(207) 774-1444

FRANKLIN

123 County Way
Farmington, ME 04938
(207) 778-2680

HANCOCK

50 State Street, Suite 10
Ellsworth, ME 04605
(207) 667-7575

KENNEBEC

125 State Street,
Augusta, ME 04330
(207) 623-3614

KNOX

301 Park Street
Rockland, ME 04841
(207) 594-0429

LINCOLN

42 Bath Road, Agasanduku k'Iposita
611
Wiscasset, ME 04578
(207) 882-6576

OXFORD

26 Western Avenue, Agasanduku
k'Iposita 179
South Paris, ME 04281
(207) 743-9554

PENOBSCOT

85 Hammond Street
Bangor, ME 04401
(207) 947-4585

PISCATAQUIS

52 Court Street
Dover-Foxcroft, ME 04426
(207) 564-3304

SAGadahoc

752 High Street, Agasanduku k'Iposita
246
Bath, ME 04530
(207) 443-8201

SOMERSET

131 E. Madison Road
Madison, ME 04950
(207) 474-9591

WALDO

45 Congress Street,
Belfast, ME 04915
(207) 338-6786

WASHINGTON

83 Court Street, Machias, ME 04654
(207) 255-4422

YORK

1 Layman Way, Alfred, ME 04002
(207) 324-1113

ADERESE ZA POLISI YA LETA YA MAINE

TROOP A (Imijyi ya Alfred, Dayton, Hollis, Lebanon, n'uwa Lyman)

502 Waterboro Road, Alfred, ME 04002
(207) 324-1150

TROOP B (Androscoggin, Cumberland, na Kawunti za Oxford)

1 Game Farm Road, Gray, ME 04039
(207) 624-7076

TROOP C (Kennebec, Somerset, na Kawunti za Franklin)

162 West Front Street, Skowhegan, ME 04976
(207) 474-3350

TROOP D (Sagadahoc, Lincoln, Waldo, and Knox Counties, Igice cy'amajyepfo ya Kawunti ya Kennebec n'igice cy'amajyaruguru ya Kawunti ya Cumberland)

36 Hospital Street, Augusta, ME 04333
(207) 624-7076

TROOP E (Igice cy'amajyepfo ya Penobscot na Kawunti za

Piscataquis)
198 Main Avenue, Bangor, ME 04401
(207) 973-3700

TROOP F (Kawunti ya Aroostook n'Ibice by'Amajyaruguru ya Penobscot, Piscataquis, na Kawunti za Somerset)

1 Darcie Drive, Suite 202, Houlton, ME 04730
(207) 532-5400

TROOP J (Hancock na Kawunti za Washington)

180 Bangor Road, Ellsworth, ME 04605
(207) 664-0176

UMUGEREKA WA C. - AMAKURU RUSANGE

UBUFASHA BUHABWA ABAFITE UBUMUGA



Ishami ry'Ubucamanza rya Maine rirakora ibishoboka byose kugira ngo ritange ubufasha n'imfashanyo z'ibanze na serivise ku bafite ubumuga nta kiguzi baciwe kugira ngo bashobore kugera mu rukiko na serivise zarwo. Ushobora kuvugisha umunyamategeko wawe ku bijyanye no gutegura ubufasha, cyangwa ukabaza umuhuzabikorwa wa serivise z'urukiko kuri 207-822-0718, TTY: Maine Relay 711, cyangwa accessibility@courts.maine.gov hashingiwe ku busabe. Ushobora kandi kuvugana n'ibiro by'umwanditsi w'urukiko urubanza rwawe ruburanishirizwamo. Ihuza ku Ifishi Isabirwaho Ubufasha Buhabwa Abafitee Ubumuga ku rubuga rw'Ishami ry'Ubucamanza warisanga kuri: www.courts.maine.gov/ada/accommodation.html.

KUBONA SERIVISE Z'URURIMI



Ishami ry'Ubucamanza rya Maine ritanga abasemuzi ku bantu bafite ubumenyi budahagije bw'Icyongereza (LEP), abatacyumva, cyangwa abatacyumva neza nta kiguzi baciwe kugira ngo bashobore kugera mu rukiko no kuri serivise zarwo. Ishami ry'Ubucamanza rigomba kandi guha umusemuzi w'amarenga (ASL) ku ndorerezi z'urukiko zifite ubumuga bwo kutumva cyangwa bagorwa no kumva mu gihe babisabye. Wavugisha umunyamategeko wawe ku bijyanye no gutegura umusemuzi, cyangwa ugahita ubaza inzobere mu itumanaho kuri 207-822-0703, TTY: Maine Relay 711, cyangwa interpret-ers@courts.maine.gov hashingiwe ku busabe, Ushobora kandi kuvugisha ibiro by'umwanditsi w'urukiko urubanza rwawe ruburanishirizwamo. Andi makuru yerekeye ubufasha bw'abasobanuzi mwayasanga ku rubuga rw'Ishami ry'Ubucamanza kuri: www.courts.maine.gov/programs/lep/index.html.

INTEGO ZO GUTANGA AMAKURU GUSA

Iyi mfashamyumvire igamije gufasha impande mu manza zo kurindwa ihohoterwa no kurindwa itotezwa gusobanukirwa neza uko urubanza rutangizwa n'ibibera mu rubanza. Kugira ngo imfashamyumvire irusheho gusomwa neza, inzira y'urukiko n'amategeko yifashishijwe yashyizwe mu nshamake.

Ntukishingikirize amakuru ari muri iyi mfashamyumvire nk'ibisobanuro byuzuye by'amategeko yose ashobora gukurikizwa mu rubanza rwo kurinda. Niba ufite ibibazo bijyanye n'amategeko cyangwa inzira y'urukiko, wabaza umwunganizi mu mategeko wawe cyangwa ugasaba ubufasha mu by'amategeko.

**IMFASHAMYUMVIRE YEREKEYE IMANZA ZITANGIRWAMO IBYEMEZO
BYO KURINDA ABANTU IHOHOTERWA N'ITOTENZA**

ICYITONDERWA

IZINDI NYANDIKO ZIJYANYE N'IBIREGO BY'UMURYANGO Z'ISHAMI RY'UBUCAMANZA RYA MAINE

Ishami ry'Ubucamanza rya Maine ritanga inyandiko nyinshi zikubiyemo amakuru y'ingirakamaro yerekeye inzira y'urukiko hamwe n'ibihari.

mfashamyumvire Igenewe Imiryango mu Manza zo Kurinda Abana

Iyi mfashamyumvire isobanura inzira y'urukiko n'icyo ugomba kwitega mu gihe ugiye mu rukiko mu rubanza rwo kurinda abana.

Inyandiko yo Gutegurira Gahunda Imiryango ku Manaza zo Kurinda Abana

Iyi nyandiko irimo kalendari kugira ngo ifashe gukurikirana amatariki n'amakuru y'ingenzi mu rubanza rwo kurinda umwana. Inyandiko yo Gutegurira Gahunda ikubiyemo kandi amakuru ajyanye n'inzira y'urukiko mu rubanza rwo kurinda abana.

Imfashamyumvire yerekeye gutandukana k'umuryango muri Maine: Imanza Zijyanye no Gutandukana kw'Abashakanye, Uburenganzira bw'ababyeyi n'Inshingano

Iyi mfashamyumvire isobanura uburyo bwo gutangira urubanza rwo gutandukana kw'abashakanye, uburenganzira bw'ababyeyi n'inshingano n'icyo ugomba kwitega mu rukiko. Iyi mfashamyumvire ikubiyemo kandi amakuru yerekeye uburyo bwo guhindura cyangwa kubahiriza icyemezo cy'urukiko kiriho.

Imfashamyumvire Igenewe Imiryango mu manza z'abana

Iyi mfashamyumvire igenewe ababyeyi, abishingizi, n'abana bato kugira ngo bamenye byinshi ku bijyanye n'inzira y'urukiko rw'abana ndetse n'ingaruka zishobora guturuka ku manza z'abana. Iyi mfashamyumvire kandi ikubiyemo amakuru y'ingenzi ku babyeyi n'abishingizi, ibibazo bikunze kubazwa, ikanasobanura uburyo inyandiko z'urukiko rw'abana zibikwa.

Kopi z'izi mfashamyumvire mwazisanga ku rubuga rw'Ishami ry'Ubucamanza rya Maine kuri www.courts.maine.gov/help/guides

Niba ukorewe ihohoterwa, cyangwa itotezwa kandi wumva ko uri mu kaga, hamagara 9-1-1.

Kugira ngo ubone ubufasha bwihutirwa mu gace urimo, hamagara 2-1-1.

Maine State Bar Association Lawyer Referral Service (Serivise zo Koherereza Abanyamategeko bo mu Rugaga rwo muri Leta ya Maine)

1-800-860-1460 www.mainebar.org/page/AttorneyRequest

(Amadorari 25 y'ubuyobozi yo gufasha abantu kubona abunganizi mu mategeko bigenga; harimo kugisha inama iminota 30.)

Maine Coalition to End Domestic Violence

1-866-83-4HELP www.mcedv.org

Maine Coalition Against Sexual Assault

1-800-871-7741 www.mecasa.org

Immigrant Resource Center of Maine

207-753-0061 www.ircofmaine.org

Legal Services for the Elderly (Serivise z'Amategeko ku Bakuze)

1-800-750-5353 www.mainelse.org

Ihuriro ry'abagore rya Wabanaki Women's Coalition

1-844-7NATIVE www.wabanakiwomenscoalition.org

Ibigo by'Abunganizi mu mategeko:

Micmac 207-551-3639

Maliseet 207-532-6401

Indian Township Passamaquoddy 207-214-1917

Passamaquoddy Peaceful Relations 1-877-853-2613

Penobscot Nation 207-631-4886

Reba kandi Urubuga rwa Pine Tree Legal Assistance ku Kurindwa Ihohoterwa

ptla.org/protection-abuse-maine-first-steps-frequently-asked-questions

Ishami ry'Ubucamanza rya Maine

Ibiro by'Ubuyobozi by'Inkiko

1 Court Street, Suite 301, Augusta, Maine 04330

www.courts.maine.gov